# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-57 TARIKI 14 - 20 MATA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw






AMAKURU

Perezida Kagame ni we uzayobora Kaminuza ya Gisirikare y'u Rwanda



4

AMAKURU

MINEDUC yasabye abarezi kwirinda ko ingengabitekerezo ya Jenoside yagaruka mu mashuri



7

AMAKURU

Ibirego by'ingengabitekerezo ya Jenoside mu cyunamo byagabanyutseho 38,1%



10

MU NTARA

Kwibuka32: Bashengurwa n'uko ababo biciwe imbere y'ubuyobozi n'inzego z'umutekano



16


# Perezida Kagame yoherereje Emir wa Qatar ubutumwa bwanditse

**SHEMA Ivan**

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame yoherereje ubutumwa bwanditse, Emir wa Qatar, Sheikh Tamim bin Hamad Al Thani, bugaruka ku mubano w'u Rwanda na Qatar.***



**Minisitiri Dr. Biruta ni we watanze ubutumwa bwa Perezida Paul Kagame**

Minisiteri y'Umutekano ya Qatar yatangaje ko ubwo butumwa Perezida Kagame yoherereje mugenzi we wa Qatar bwibanda ku mubano ndetse n'inzira zo gushyigikira iterambere ry'ibihugu byombi.

Ni ubutumwa bwajyanywe muri Qatar na Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu, Dr Vincent Biruta wabushyikirije Minisitiri w'Umutekano akaba n'Umugaba w'Inzego z'Umutekano za Qatar, Sheikh Khalifa bin Hamad bin Khalifa Al Thani.

Ibiganiro Minisitiri Dr Biruta Vincent yagiranye na mugenzi we wa Qatar byibanze ku gusuzuma ubutwererane bw'ibi bihugu byombi by'inshuti, by'umwihariko mu rwego rw'umutekano.

Banaganiriye kandi ku ngingo z'inyungu ibihugu byombi bihuriyeho ku rwego rw'Akarere ndetse no mu ruhando mpuzamahanga.

Umubano w'u Rwanda na Qatar umaze igihe kinini ushinze imizi, aho ibihugu byombi bifatanya mu nzego zitandukanye nk'igisirikare, ishoramari, ubukerarugendo n'ubwikorezi.

Bifitanye imikoranire mu bijyanye n'ubwikorezi bwo mu kirere, aho biteganyijwe ko mu minsi iri imbere Qatar Airways izegukana imigabane 49% muri RwandAir.

Uretse RwandAir, Qatar inafite imigabane ingana na 60% mu mushinga w'Ikibuga cy'Indege gishya cya Kigali kiri i Bugesera aho biteganyijwe ko imirimo yo kucyubaka izarangira mu 2027.

KAYITARE Jean Paul

# RP Karongi yibutse abakozi n'abanyeshuri bishwe muri Jenoside

***Politekinike y'u Rwanda Koleji ya Karongi yibutse abakozi, abanyeshuri hamwe n'abandi Batutsi bari bahungiye mu ishuri ryahoze ari EAFO Nyamishaba, ubu ni mu Murenge wa Bwishyura mu Karere ka Karongi, bazize Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.***



RP koleji ya Karongi, bibutse abahoze ari abanyeshuri n'abakozi baho bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Bibutswe ku wa Gatatu tariki 15 Mata 2026. Ni igikorwa cyabanjirijwe no gushyira indabo ahari ikimenyetso cy'urwibutso rwa Jenoside ku ishuri ryahoze ari ETO Kibuye ari naho hakorera Politekinike y'u Rwanda Koleji ya Karongi, hashyirwa indabo ku rwibutso rwa Jenoside rw'i Nyamishaba zinashyirwa mu kiyaga cya Kivu mu rwego rwo guha icyubahiro Abatutsi bishwe bakajugunywa muri icyo kiyaga.

Igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi muri Politekinike y'u Rwanda Koleji ya Karongi, cyitabiriwe na Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba, Jean Bosco Ntibitura, inzego z'umutekano muri iyo Ntara, ubuyobozi n'abakozi ba Politekinike, imiryango ifite ababo biciwe muri EAFO Nyamishaba.

Ingabire Dominique, Umuyobozi wa Politekinike y'u Rwanda Koleji ya Karongi, yavuze ko EAFO Nyamishaba nk'ikigo cy'amashuri cyabagamo abanyabwenge, Abatutsi bakikije iryo shuri bahungiyemo bazi ko bahakirira ariko abicanyi bahabamburira ubuzima, bamwe babaroha no mu kiyaga cya Kivu.

Agira ati: "Ni muri urwo rwego kuri uyu munsi aba bose tubibuka. Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yakoranywe ingufu n'ubukana bwinshi, bituma idutwara abacu benshi, bitewe n'uko abayigizemo ruhare runini ari urubyiruko. Twebwe nk'ikigo, kwibuka Jonoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ni ukwigisha urubyiruko amateka mabi igihugu cyacu cyanyuzemo kugira ngo basobanukirwe ibyabaye, birinde ivangura iryo ari ryo ryose babashe gusigasira ibyiza igihugu cyacu kimaze kugeraho."

Mu rwego rwo gukomeza kwibuka no gusigasira amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ku bufatanye n'inzego zitandukanye harimo Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), Umuryango Ibuka n'Uturere, Politekiniki y'u Rwanda Koleji ya Karongi yatangiye gukora ubushakashatsi bugamije kumenya abanyeshuri n'abakozi bahoze ari aba ETO Kibuye na EAFO Nyamishaba bazize Jonoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ingabire, Umuyobozi wa Politekinike y'u Rwanda Koleji ya Karongi, yabwiye Imvaho Nshya ko raporo ikubiyemo amakuru y'ibanze yavuye mu bushakashatsi yakozwe kandi ko izashyikirizwa inzego zibifitiye ububasha kugira ngo amakuru yabonetse yemezwe.

Ati: "Amazina y'abazize Jenoside agaragaye n'amara kwemezwa azahuzwa n'andi twari dusanganywe, amwe azongerwe ku kimenyetso cy'urwibutso cyubatse muri Kaminuza, andi azashyirwe ku kimenyetso cy'urwibutso kizubakwa hano i Nyamishaba nk'ikimenyetso cyo kubaha icyubahiro bambuwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kandi ko tutabibuka ku munsi nk'uyu gusa, ahubwo duhora tubibuka."

Mu rwego rwo gukomeza gufata mu mugongo abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi batishoboye, Politekiniki y'u Rwanda Koleji ya Karongi yagiye ikora ibikorwa bitandukanye byo kubafata mu mugongo no kubafasha.

Politekiniki y'u Rwanda Koleji ya Karongi yatanze amatungo magufi yahawe urubyiruko rw'i Twumba, inka, kubakira amacumbi abatishoboye barokotse Jenoside mu 1994 no kuvugurura amacumbi, inatanga umuriro w'amashanyarazi ku batishoboye.

Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba, Jean Bosco Ntibitura, yavuze ko abana bakomoka ku babyeyi bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakwiye kwemera kwakira ayo mateka, bakirinda guhakana ibyabaye ahubwo bagafasha kwamagana ikibi. Ati: "Abakoze Jenoside bakwiye kubyemera, bakabyicuza, bakiyemeza kwitandukanya na byo, hakubakwa ubumwe bwacu kuko ari byo bizaduha kurambira mu gihugu cyacu twese tunezerewe."

Agaragaza ko abatazahinduka bizakomeza kubagiraho ingaruka yaba ari abagifite ingengabitekerezo ya Jenoside, abarimo gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi, ko bitazihanganirwa kandi ko na bo batazihanganirwa. Ubuyobozi bw'Intara y'Iburengerazuba bushima Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi kuko birinze kuba uko umwanzi ashaka, bubasaba gukomeza kwigirira icyizere birinda guheranwa n'ishavu n'agahinda.

Agira ati: "Mukomeze ubutwari bwo kubaho no kwiyubaka kuko ubuyobozi bwiza dufite ubu, bwiyemeje gusubiza agaciro abagateshejwe no kubafasha kwiyubaka. Abanyeshuri, abarimu ndetse n'abaturage baturiye ishuri rya RP Karongi mukomeze kugira uruhare mu rugamba ndetse no mu ngamba Leta yafashe zo kubaka ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda no kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo."

Nkurunziza Jean Marie Vianney watanze ikiganiro yavuze ko kwibuka ari inshingano za buri Munyarwanda asaba abari mu gikorwa cyo kwibuka, kudaha agaciro ibivugirwa ku mbuga nkoranyambaga bigamije guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Bagwire Dancille warokokeye Jenoside muri Nyamishaba yagarutse ku kaga yahuye nako ubwo yari umunyeshuri, aho Abatutsi bahagurutswaga mu ishuri kandi bagakubitwa cyane. Yavuze ko bajyaga babazwa ufite itushi rinini kandi mu by'ukuri ngo atari cyo kigamijwe. Bagwire avuga ko ibyo yaboneshejwe amaso ye bidakwiye kongera kubaho mu Rwanda. Yavuze ko umuryango we wari ugizwe n'abantu 12 ariko basigaye ari babiri.

Ikigo cya Politekiniki y'u Rwanda Koleji ya Karongi, kibumbiyemo ibigo bibiri ari byo; icyahoze ari ETO Kibuye cyatangiye mu 1989 cyigisha imyuga inyuranye ndetse n'icyahoze ari EAFO Nyamishaba cyatangiye mu 1965 cyigisha ibijyanye n'ubuhinzi, ubuvuzi bw'amatungo n'amashyamba. Mu 1982 ni bwo cyeguriwe Minisiteri y'Uburezi gitanga impamyabushobozi za A2.





NTAWITONDA Jean Claude

# U Rwanda n'u Burusiya mu kongera ubufatanye mu bya Nikeleyeri

***Guverinoma y'u Rwanda n'iy'u Burusiya byiyemeje kongerera imbaraga ubufatanye mu guteza imbere ikoreshwa ry'ingufu za Nikeleyeri hagamijwe kurushaho gushyigikira iterambere rirambye ry'ibihugu byombi.***

Ni ibyaganiriweho mu biganiro Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Jean Patrick Nduhungirehe yagiranye na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Burusiya, Sergey Viktorovich Lavrov. Abo bayobozi bombi bahuriye mu Nama y'iminsi ibiri ya Antalya yiga kuri Dipolomasi, yabereye muri Turikiya guhera ku wa Gatandatu tariki ya 18 Mata 2026.

Uretse ibiganiro ku gukoresha ingufu za Nikeleyeri mu rugendo rwo kwihutisha iterambere rirambye, abayobozi bombi banaganiriye ku kurushaho guteza imbere ubucuruzi, uburezi ndetse no kubaka ubushobozi.


U Rwanda n'u Burusiya byiyemeje kongera ubufatanye mu bya Nikeleyeri

Ambasade y'u Rwanda mu Burusiya yakomeje igira iti: "Impande zombi zaniyemeje kurushaho kwimakaza ubufatanye mu mahuriro mpuzamahanga, harimo n'Umuryango w'Abibumbye, mu gushakira ibisubizo ingorane zo mu Karere na mpuzamahanga."

Ibiganiro bigamije kwimakaza ikoreshwa ry'ingufu za Nikeleyeri byabaye mu gihe Leta y'u Rwanda yiteguye kwakira Inama yiga ku mikoreshereze y'Ingufu za Nikileyeri muri Afurika hagati ya tariki 18 na 21 Gicurasi 2026, ku nsanganyamatsiko igira iti: "Kubaka ahazaza ha Afurika binyuze mu kubyaza umusaruro ishoramari rishingiye ku Ngufu za Nikeleyeri."

Ni mu gihe kandi u Rwanda ruteganya kuzaba rufite uruganda ruto rutanga ingufu za Nikeleyeri bitarenze nibura mu mwaka wa 2030, mu rwego rwo kongera amashanyarazi mu Gihugu.

Ni kenshi Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame agaragaza ko ingufu za Nikeleyeri zifatiye runini ahazaza h'u Rwanda n'Umugabane wa Afurika muri rusange kuko izo ngufu zitanga igisubizo kirambye iyo zikoreshejwe mu buryo bwubahiriza amabwiriza y'ubuziranenge ku rwego mpuzamahanga.

Perezida Kagame yagaragaje ko ingufu za Nikeleyeri zitanga amashanyarazi yizewe, kandi zikeneye kubyazwa umusaruro byihuse mu gihe amashanyarazi Isi ikeneye azaba yarikubye inshuro zigera kuri eshatu bitarenze mu mwaka wa 2050.

U Rwanda rwasanze ari ngombwa kubaka inganda nto zitunganya ingufu za Nikeleyeri kuko ari zo zitwara ubutaka buto, zitangije ikirere kandi zigatanga ingufu nyinshi. Isesengura ryakozwe ryagaragaje ko kubaka uruganda rutunganya ingufu za Nikeleyeri bizatwara u Rwanda amafaranga ari hagati ya miliyari 5 na 6 z'Amadolari y'Amerika.

# Umubano mu bya Dipolomasi hagati y'u Rwanda na Uzbekistan

NTAWITONDA Jean Claude

***Guverinoma y'u Rwanda n'iya Uzbekistan byatangije ku mugaragaro umubano mu bya dipolomasi nyuma y'isinywa ry'itangazo rihuriweho rishimangira itangizwa ry'uwo mubano ndetse n'amasezerano atangiza ibiganiro bya Politiki.***


Minisitiri Nduhungirehe na mugenzi we wa Pakistan biyemeje gukomeza ibiganiro bigamije kurushaho kwimakaza ubutwererane

Iryo tangazo n'amasezerano byashyizweho umukono na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Jean Patrick Nduhungirehe hamwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Uzbekistan Bakhtiyor Saidov.

Abayobozi bombi bahuriye mu Nama ya Antalya yiga kuri Dipolomasi yateraniye muri Turikiya, aho batangije urwo rugendo rushya rw'ibihugu byombi rugamije by'umwihariko kwimakaza ubufatanye mu bya dipolomasi, ubucuruzi, ishoramari n'uburezi.

U Rwanda rubaye igihugu cya 167 Ubekistan itangijemo umubano mu buryo bwemewe, ikaba ari intambwe ikomeye icyo gihugu giteye mu kurushaho kwagurira umubano wacyo mu bihugu bya Afurika.

Amasezerano yashyizweho umukono yitezweho kurushaho kwagura ibiganiro bya Politiki hagati ya Minisiteri z'Ububanyi n'Amahanga z'ibihugu byombi ndetse na Guverinoma zombi muri rusange.

Iyi ntambwe ijyanye na gahunda y'u Rwanda yo kurushaho kwagura umubano n'ubutwererane mu bya dipolomasi mu bihugu bitandukanye, aho mu gihe kitageze no ku mwaka rumaze gutangiza umubano na Denmark, rusinya amasezerano y'ubutwererane mu mahoro na Ukraine, rurushaho kwagura ubufatanye n'u Buhindi, Kyrgyzstan, Oman ndetse ubu rwageze i Tashkent (Umurwa Mukuru wa Uzbekistan) ihereraye muri Aziya yo Hagati.

Ku ruhande rwa Uzbekistan, gutangiza umubano n'u Rwanda ni indi ntambwe itewe nyuma y'uko iki gihugu kiwutangije n'u Burundi muri Nzeri 2024. Guverinoma ya Uzbekistan ihamya ko Perezida Shavkat Mirziyoyev yiyemeje kurushaho kwimakaza umubano n'ibihugu byo ku mugabane wa Afurika, akaba ari intambwe izakomeza gutera gahoro gahoro.

# Perezida Kagame ni we uzayobora Kaminuza ya Gisirikare y'u Rwanda

KAMALIZA Agnes

***Kaminuza nshya ya Gisirikare y'u Rwanda, (NDUR) yamaze kwemeza ko Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame ari we uzaba Umuyobozi w'Ikirenga (Chancellor) wayo. Iyi kaminuza nshya yashyizweho n'itegeko ryatowe mu 2026, ryatangajwe mu Igazeti ya Leta ku wa 10 Mata, ihuriza hamwe amashuri n'ibigo bitandukanye bya gisirikare n'umutekano.***

Ni kaminuza yitezweho guhindura uburyo u Rwanda rwitegura guhangana n'ibibazo by'umutekano bigenda bihindagurika, izibanda cyane ku kongerera imbaraga imyitozo n'amahugurwa, ubushakashatsi ndetse no guteza imbere ubutwererane mpuzamahanga mu burezi bwa gisirikare.

Ni ishuri rizaba rifite inshingano zo guhugura abasirikare, abakozi b'inzego z'umutekano, abayobozi bakuru mu nzego za Leta n'abafatanyabikorwa mpuzamahanga. Kuba Perezida Kagame yagizwe Umuyobozi Mukuru wayo, biteganywa n'itegeko ko uyiyobora agomba kuba ari Perezida wa Repubulika akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda (RDF).

Mu nshingano ze nk'Umuyobozi w'iyo kaminuza, Perezida azatanga umurongo mugari w'imiyoborere kugira ngo kaminuza igere ku ntego zayo zo gutegura inzobere zo ku rwego rwo hejuru mu by'ingabo n'inzego z'umutekano. Azajya anayobora ibirori byo gutanga impamyabumenyi cyangwa ahitemo umuhagarariye.

Iyi kaminuza kandi izaba igizwe n'Inama y'Ubutegetsi akaba ari na rwo rwego rufata ibyemezo ndetse rukagenzura ibikorwa bya kaminuza igizwe n'abantu 13. Itegeko rivuga ko mu bayigize barindwi muri bo bashyirwaho n'iteka rya Perezida, batari mu bayobozi ba kaminuza bakoraho, barimo Perezida w'Inama n'Umwungirije kandi b'inzobere mu by'ingabo n'umutekano, uburezi, ubushakashatsi n'iterambere.

Mu bandi bazayobora iyo kaminuza, harimo Umuyobozi Mukuru (Vice-Chancellor) ari na we mwanditsi w'inama, Uhagarariye abarimu n'abashakashatsi utorwa na bagenzi be, Ushinzwe igenzura ry'ubuziranenge, (quality assurance), Umuyobozi umwe (Dean) utorwa na bagenzi be n'uhagarariye abanyeshuri.

Itegeko riteganya ko nibura 30% by'abagize iyi nama bagomba kuba ari abagore mu gihe abatari mu nama y'ubutegetsi kubera imyanya bafite bagira manda y'imyaka ine ishobora kongerwa rimwe.

Inama y'Ubutegetsi ifite uruhare rukomeye mu gutegura icyerekezo cya kaminuza n'ingamba, kwemeza politiki n'igenamigambi rya buri mwaka, kugenzura imikorere, kwemeza ingengo y'imari no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo, gufata ibyemezo by'abakozi, ubufatanye n'imiterere y'inzego.

Inafite inshingano zo kugenzura ireme ry'uburezi, gushyiraho amategeko agenga imyigishirize n'ubushakashatsi no ushyiraho za komite ziyunganira.

Ubuyobozi bukuru bw'Ingabo z'u Rwanda buherutse guhishura ko Kaminuza y'u Rwanda ya Gisirikare yatangiye kubakwa mu Murenge wa Bumbogo, Akarere ka Gasabo, ikaba yitezweho kurushaho kongerera imbaraga urwego rw'umutekano no kubaka ubushobozi bw'abayobozi mu bya gisirikare.

Umuvugizi w'Ingabo z'u Rwanda Brig. Gen. Ronald Rwivanga yavuze ko imirimo yo kubaka iri shuri irimbanyije i Bumbogo, igihe izaba yuzuye ikazatanga umusaruro ufatika mu gutegura abayobozi mu bya gisirikare n'umutekano.

Byitezwe ko izaba itanga inyigisho zo ku rwego ruhanitse, itanga impamyabumenyi, impamyabushobozi n'andi mashimwe atandukanye yemewe mu ruhando mpuzamahanga. Ifite inshingano zo guhuriza hamwe Koleji n'Amashuri Makuru ya Gisirikare, aya Polisi n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano (NISS).



Perezida Paul Kagame ni we uzayobora Kaminuza ya Gisirikare y'u Rwanda

Uku guhuza Koleji n'Amashuri Makuru ya Gisirikare byitezweho guha imbaraga guhuza ibikorwa byo gutanga ubumenyi mu rwego rw'uburezi bujyanye n'igisirikare n'umutekano muri rusange.

Kaminuza ya NDU-R yitezweho kuzakira abanyeshuri biga amasomo y'icyiciro cya mbere cya Kaminuza, icya kabiri, icya gatatu n'impamyabumenyi y'Ikirenga (PhD), ahabwa abakora mu nzego z'umutekano n'abayobozi b'inzego za Leta bireba.



Amb. Olivier Nduhungirehe yashyikirije Perezida wa Tunisia ubutumwa bwa Perezida Kagame

## *Nduhungirehe yashyikirije Perezida Kaïs Saïed wa Tunisia ubutumwa bwa Perezida Kagame*

SHEMA Ivan

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane mu Rwanda, Amb Olivier Jean Patrick Nduhungirehe yagiriye uruzinduko muri Tunisia yakirwa na Perezida w'iki gihugu Kaïs Saïed, amushyikiriza ubutumwa bwa mugenzi we w'u Rwanda Paul Kagame.***

Iby'uru ruzinduko byavugiwe mu itangazo ryashyizwe kuri X na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga y'u Rwanda ku wa kane, tariki 16 Mata 2026. Rigira riti: "Ibiganiro byibanze kuri kandidatire ya Louise Mushikiwabo ku mwanya w'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango uhuza ibihugu bikoresha Igifaransa (OIF), aho Tunisia yasabwe kumushyigikira ndetse barebera hamwe uko umubano w'ibihugu byombi warushaho gushimangirwa."

Mushikiwabo Louise ni Umunyamabanga Mukuru wa OIF kuva muri Mutarama 2019. Manda ye ya kabiri yatangiye mu kwezi k'Ugushyingo 2022, bivuze ko agiye guhatanira manda ya Gatatu. Natorwa, Mushikiwabo azakuraho agahigo ka Abdou Diouf wo muri Sénégal, wabaye Umunyamabanga Mukuru wa OIF kuva mu 2003 kugeza mu 2014, aho yayoboye manda eshatu.

Biteganyijwe ko Mushikiwabo azahangana n'abarimo Umunya-Ruomania, Dacian Cioloș, wabaye Minisitiri w'Intebe w'icyo gihugu ndetse n'Umuyobozi wa Komisiyo y'Umuryango w'u Burayi ushinzwe Ubuhinzi. Abandi ni Juliana Amato Lumumba wo muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) wigeze kuba Minisitiri w'Umuco na Dr. Coumba Ba wigeze kuba Minisitiri w'Abakozi ba Leta muri Mauratinie.

Guhera tariki ya 15 kugeza ku ya 16 Ugushyingo 2026, mu Mujyi wa Phnom Penh muri Cambodge ni bwo hategangijwe inama y'Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma ya OIF izatorerwamo Umunyamabanga Mukuru w'uyu muryango.

U Rwanda na Tunisia bifatanya mu nzego zitandukanye zirangajwe imbere n'ubwikorezi. Muri Gashyantare 2020, u Rwanda na Tunisia byasinyanye amasezerano yo gufungurirana ikirere, yagombaga gutuma sosiyete z'ubwikorezi zikorera ingendo mu kirere cy'ibihugu byombi. Yasinyiwe mu nama ya 33 isanzwe y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU), yari iri kubera i Addis Ababa muri Ethiopia.

Tunisia ni kimwe mu bihugu bikora ku Nyanja ya Méditerranée. Ifite ubuso bwa kilometero kare 163,610, ikagira abaturage barenga miliyoni 12.3. Icyarabu ni rwo rurimi ruhuza Abanya-Tunisia cyane, hagakoreshwa Idinari rya Tunisia nk'ifaranga ry'igihugu.





# Kwibuka 32: RPC yibutse abazize Jenoside ku Rwibutso rwa Ntarama



Abakozi ba RPC Ltd basuye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Ntarama ruri mu Bugesera, bunamira inzirakarengane ziharuhukiye

KAMALIZA Agnes

***Ubuyobozi n'abakozi b'Ikigo cy'Icapiro ry'Igihugu (RPC Ltd) basuye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Ntarama, ruherereye mu Karere ka Bugesera, bifatanya n'Abanyarwanda mu minsi 100 yo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Iki gikorwa cyabaye kuri uyu wa Mbere, tariki ya 20 Mata 2026, aho abakozi ba RPC Ltd basobanuriwe amateka y'itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Kagabo Antoine, umukozi wa Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), yagaragaje ko Jenoside yateguwe kuva kera, igizwemo uruhare n'Abakoloni baciyemo ibice Abanyarwanda, bikaza gukomeza no ku bayobozi ba Repubulika ya Mbere n'iya Kabiri, barimo Perezida Grégoire Kayibanda na Juvénal Habyarimana.

Yasobanuye kandi uko Abatutsi bahohotewe bikabije, bakicwa, ndetse bamwe bakimurirwa mu Bugesera ku ngufu, ahari hataragera ibikorwa remezo by'ibanze bibafasha mu mibereho ya buri munsi; ibyo byose biri mu mugambi wa Jenoside. Kagabo yabasobanuriye ukuntu aho kuri urwo rwibutso rwahoze ari Kiliziya ya Santarari ya Ntarama habereye ubwicanyi bukomeye mu gihe cya Jenoside aho hari hahungiye abasaga 3,000.

Kuri uru rwibutso, abakozi ba RPC Ltd bahashyize indabo, banunamira inzirakarengane zisaga ibihumbi 5,000 ziruhukiyemo. Muri bo, abarenga 3,000 biciwe muri Kiliziya ya Ntarama, ari na ho hari uru rwibutso, mu gihe abandi bakuwe hirya no hino mu Murenge wa Ntarama aho babaga biciwe.

Umuyobozi w'Agateganyo wa RPC Ltd, Bizimana Jérôme, yabwiye Imvaho Nshya ko iki gikorwa kigamije kwifatanya n'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kubihanganisha no kubakomeza, bityo bagakomeza kubaho bafite icyizere.

Yagize ati: "Ni igikorwa gito, ariko gifite agaciro kanini. Turabafata mu mugongo, cyane cyane abageze mu zabukuru bafite intege nke, kugira ngo bakomeze kubaho bafite icyizere."

Yakomeje ashimangira ko amateka y'u Rwanda agaragaza ko amacakubiri ari yo yabaye intwaro yakoreshejwe kugeza habaye Jenoside, asaba abakozi ba RPC Ltd kwirinda icyabacamo ibice no gukorera hamwe mu bwumvikane.

Ati: "Dukwiye kwigira ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, tukirinda amacakubiri ayo ari yo yose. Mu kazi, ubwumvikane ni ingenzi kuko iyo bubuze bigira ingaruka ku musaruro no ku mibanire."

Abakozi ba RPC Ltd bagaragaje ko gusura uru rwibutso byabafashije gusobanukirwa ubukana Jenoside yakoranywe n'uburyo yateguwe igihe kirekire, bityo biyemeza kurwanya ivangura iryo ari ryo ryose.

Rutsibuka Emile yagize ati: "Niyemeje ko ibyabaye bitazongera kubaho. Dufite inshingano zo kubaka Igihugu cyacu dushingiye ku kuri no kutavangura."

Muteterazina Shifah na we yagize ati: "Twabonye ko ivangura ari ryo ryagize uruhare rukomeye muri Jenoside. Tugomba kurirwanya aho turi hose, tugakora cyane twiteza imbere kandi duteza imbere n'Igihugu."

Umuyobozi wa IBUKA mu Murenge wa Ntarama, Ruhimbana Aimable, yashimye RPC Ltd kuba yaje kwifatanya na bo kwibuka ababo bazize Jenoside, avuga ko bifasha gukomera no gukomeza kwiyubaka kuko baba bizeye ko hari n'abandi babazirikana.



Umukozi wa MINUBUMWE, Kagabo Antoine yasobanuye amateka y'Abatutsi biciwe ku Kiliziya cya Ntarama Ari naho hahindutse Urwibutso



Umuyobozi w'agateganyo wa RPC Ltd, Bizimana Jerome



Hashyizwe indabo ku Rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Ntarama ruruhukiyemo abarenga 5000



Ubuyobozi n'abakozi ba RPC Ltd basuye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Ntarama mu Karere ka Bugesera

# Brig Gen Rwivanga yahishuye ibyiciro 10 bigaragaza itegurwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi



Brig. Gen. Ronald Rwivanga yagaragaje ibyiciro 10 bigaragaza ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yateguwe

**KAMALIZA Agnes**

***Umuvugizi w'Ingabo z'u Rwanda (RDF), Brig. Gen. Ronald Rwivanga yagaragaje ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yateguwe imyaka irenga mirongo, avuga ko hari ibyiciro 10 bigaragazwa n'ubushakashatsi bibishimangira, anyomoza abavuga ko yatewe n'ihanurwa ry'indege y'uwari Umukuru w'Igihugu, Habyarimana Juvenal.***

Ku wa 17 Mata 2026, ubwo abakozi b'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta (OAG) n'ab'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) bibukaga ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Brig Gen Rwivanga yagaragaje ko ubuyobozi bubi u Rwanda rwari rufite bwacuze umugambi wo kurimbura Abatutsi igihe kirekire.

Avuga ko nkuko bigaragazwa n'ubushakashatsi bwo ku rwego mpuzamahanga bwerekana ko ibyiciro Jenoside itegurwamo; birimo kurema amacakuburi, gutesha abantu agaciro, kubashyiraho ibimenyetso n'ibindi byose n'u Rwanda rwabinyuzemo.

Ati: "Abantu bose bavuga ko Jenoside yatangiye mu 1994, nyuma y'ihanurwa ry'indege birengagiza ibyiciro Jenoside inyuramo kugira ngo ibeho. Kumenya inzira y'itegurwa rya Jenoside bituma tuyimenya neza tukamenya ubukana bwayo, tugahagurukira kurwanya abayihakana n'abayipfobya."

Ibyiciro 10 bigaragaza itegurwa rya Jenoside

Brig Gen Ronald Rwivanga agaragaza ko icyiciro cya mbere ari ukurema amacakubiri mu bantu, ugacamo abaturage ibice bitandukanye aho ubuyobozi bufata igice kimwe bakabita ababo abandi bakabita abanyamahanga: Ibyo bigaragazwa n'imbwirwaruhame ubuyobozi bwatangaga aho bwavugaga ko Abatutsi atari Abanyarwanda kandi ko bazicwa bagacishwa muri Nyabarongo bagasubira iwabo muri Ethiopia. Asobanura ko urwo rwango n'amacakuburi bidaturuka mu bantu ahubwo bituruka mu bayobozi ndetse ko ibyo byagize ingaruka aho mu 1959 Abatutsi bahunze Igihugu kubera gutotezwa no kumeneshwa.

Icyiciro cya kabiri ni uguhabwa ibimenyetso: Abantu babahaga ibimenyetso birimo indangamuntu igaragaza ubwoko (Tutsi, Hutu, Twa). Ubwo bwoko bwatumaga bamwe batoneshwa abandi bakabuzwa amahirwe haba mu kazi, mu mashuri aho wasanganga Abatutsi batotezwa mu buryo bwose.

Icya gatatu ni ukubuzwa uburenganzira: Mu mwaka 1973 Leta yatangije politiki yitwa iringaniza aho Abatutsi babuzwaga uburenganzira mu bintu runaka atari uko batabishoboye ahubwo hagamijwe ko bahonyorwa.

Icya kane ni ukugira abantu abadafite agaciro: Abatutsi bateshwaga agaciro bakabita amazina y'inyamanswa nk'inzoka, inyenzi, abafite imirizo ndetse izo mvugo zigakoreshwa ku mugaragaro.

Icya gatanu ni itegurwa: Jenoside yateguwe n'imirimo n'amahugurwa yihariye aho Interahamwe zatojwe kuva mu 1992, zihabwa intwaro, amahugurwa ndetse zinatozwa uburyo bwo kwica vuba.

Icyiciro cya gatandatu ni ugukaza amakimbirane: Ibi byagaragajwe nuko umuntu wese warwanyaga umugambi wo kwica Abatutsi na we yicwaga ndetse hari Abanyepolitiki bishwe bazira kurwanya uwo mugambi barimo n'uwari Minisitiri w'Intebe, Uwiringiyimana Agathe.

Icya karindwi ni ugutunganya umugambi: Ibi byakozwe binyuze mu kumenya ingo z'Abatutsi bose batuye mu gace runaka kugira ngo bizaborohere kwica bazi buri umwe aho atuye.

Icyiciro cya munani ni ihohoterwa ry'Abatutsi: Ibi byakozwe mu myaka itandukanye kuva mu 1959, 1963, 1973, 1990 ndetse hari n'abantu bagiye bicwa bavuga ko ari ibyitso by'Inkotanyi.

Icya cyenda ni ubwicanyi bweruye ku mugaragaro: Mu 1994, Abatutsi bishwe ijoro n'amanywa ndetse bishyigikirwa n'abayobozi bashimangiraga ko bari gukora imperuka ku cyitwa Umututsi aho ava akagera.

Icyiciro cya cumi ni ukuyihakana: Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi abayikoze bakomeje kuyihakana bavuga ko itigeze ibaho cyangwa bakayitira ibindi bakabyita ubwicanyi hagati y'Abahutu n'Abatutsi.

Brig. Gen. Rwivanga avuga ko hari abaterwa ipfunwe n'ibyo bakoze bakikura mu kimwaro bavuga ko iyo ingabo z'Inkotanyi zidatera nta Jenoside yari kuba ariko bakirengagiza uburyo bamenesheje Abatutsi kuva mu myaka yo hambere.

Yagize ati: "Iyo badatera ngo ntacyo tuba twarabaye! Ubwicanyi bwagiye buba mu myaka yashize yose, ese iyo umuntu arwanira uburenganzira bwe kugira ngo asubire mu gihugu cyamubyaye harya ubwo umuntu wese agomba kubibazwa?"

Akomeza agaragaza ko nubwo ibyo byiciro byose u Rwanda rwabinyuzemo kugeza ubwo umugambi wo gukora Jenoside ushyizwe mu bikorwa mu 1994, ariko atewe impungenge no kuba ibyabaye mu Rwanda muri iyo myaka biri kuba mu Burasirazuba bwa Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo.

Agira ati: "Ibyo byarakomeje n'uyu munsi biriho muri RDC, babwira Umunyamulenge ngo ave ahantu yabaye mu myaka ibihumbi, bati mutahe murasa nk'Abanyarwanda mujye iwanyu! Umuntu wese uvuga Ikinyarwanda w'Umututsi ngo atahe?" Brig. Gen. Ronald Rwivanga ashimangira ko ibyo u Rwanda rwabibonye n'ingaruka zabyo ari na yo mpamvu rurwanya ivangura iryo ari ryose rwivuye inyuma.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Uruhare rw'uburezi mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside*

Mu gihe twibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, iyo dusubije amaso inyuma tubona ko uburezi bwifashishijwe cyane mu icengezamatwara ryashyiraga imbere urwango n'amacakubiri. No mu gihe cya Jenoside, ubwicanyi bwakorewe mu nzego z'uburezi zose, zaba iza Leta ndetse no mu mashuri yandi hirya no hino mu gihugu.

Uyu munsi u Rwanda rukomeje kubaka ahazaza hashingiye ku bumwe n'ubudaheranwa, ikibazo cy'ingengabitekerezo ya Jenoside kiracyari imbogamizi ikomeye idakwiye kwirengagizwa, kandi uburezi ni inzira irambye kandi ifatika yo kuyirwanya.

Amateka y'Igihugu agaragaza neza uko urubyiruko rwagiye rushorwa mu bikorwa by'urwango n'amacakubiri. Ibi bitwereka ko iyo uburezi budaha umwana ubumenyi bushingiye ku kuri, indangagaciro z'ubumuntu n'ubworoherane, bushobora guhinduka umuyoboro w'ibitekerezo bibi.

Ni yo mpamvu uyu munsi, uburezi bukwiye gufatwa nk'intwaro ikomeye yo kurinda ko amateka mabi yasubira kubaho. Integanyanyigisho zikwiye gukomeza kunozwa kugira ngo amateka ya Jenoside yigishwe mu buryo butagoretse kandi bwubaka ubumwe.

Kwigisha amateka y'ukuri si ugutangaza ibyabaye gusa, ahubwo ni no gufasha abanyeshuri gusobanukirwa inkomoko y'urwango, uburyo rwakwirakwiriye n'ingaruka zarwo, bityo bakabasha gutandukanya ikibi n'ikiza.

Abarimu na bo bagomba guhabwa ubumenyi n'ubushobozi buhagije bwo gutanga aya masomo mu buryo buboneye. Abarimu bagomba guhugurwa bagasobanukirwa neza amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bityo bakayigisha bayasobanukiwe hagashimangirwa ihame ryuko itazongera kubaho ukundi.

Kuganira ku mateka, ibiganiro mpaka ndetse n'ingendoshuri ku nzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bikwiye kwimakazwa kuko bifasha abanyeshuri kumva neza uburemere bw'aya mateka no gukura bafite umutima uharanira amahoro.

Ntitwakwirengagiza kandi uruhare rw'ikoranabuhanga, aho imbuga nkoranyambaga zimaze kuba isoko y'amakuru n'ibitekerezo. Nyamara ariko mu gihe zidakoreshejwe neza zihinduka inzira yo gukwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ni ngombwa ko uburezi butanga ubumenyi ku ikoreshwa neza ry'izi mbuga, urubyiruko rugafashwa kumenya gusesengura no kwamagana amakuru ayobya. Mu gihe kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside ari urugamba rusaba uruhare rwa buri wese, nta gushidikanya ko uburezi ari inkingi ya mwamba yo kurunesha.

Iyo dutoje abana bacu gutekereza neza, kubaha ukuri no kubana mu mahoro, tuba twubatse umusingi uhamye ukumira ko amateka mabi yongera kwisubira. Ahazaza heza h'u Rwanda hari mu biganza by'urubyiruko rwahawe amahirwe yo kubona ubumenyi, indangagaciro n'umutima wo kurinda ibyagezweho. Uburezi buhereye mu muryango bukwiye gukomeza kuba umusemburo w'iterambere, bityo ingengabitekerezo ya Jenoside ikimwa amayira.

**Ubwanditsi**

# MINEDUC yasabye abarezi kwirinda ko ingengabitekerezo ya Jenoside yagaruka mu mashuri



MINEDUC yasabye abarimu gukumira ingengabitekerezo ya Jenoside kugira ngo itagaruka mu mashuri

**KAMALIZA Agnes**

***Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) n'ibigo biyishamikiyeho bibutse ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, by'umwihariko abari abakozi bayo 77 bazize Jenoside, iha abarezi umukoro wo guhora bari maso bakirinda ko ingengabitekerezo ya Jenoside yagaruka mu mashuri.***

Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph yabigarutseho muri icyo gikorwa cyabaye ku wa Kane, tariki ya 16 Mata 2026, hibukwa abakozi bahoze bakora mu yahoze ari Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye (MINEPRISEC) na Minisiteri y'Amashuri Makuru, Ubushakashatsi n'Umuco (MINESUPRES) n'abakoraga mu icapiro rya Imprimerie Scolaire.

Icyo gikorwa cyabanjirijwe no gushyira indabo ku kimenyetso kiri ku cyicaro cya MINEDUC, kiriho urutonde rw'amazina y'abayikoreraga bishwe, gikomereza ku Rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Kigali ruri ku Gisozi, ahashyinguwe imibiri isaga ibihumbi 250.

Minisitiri Nsengimana Joseph yagaragaje ko amateka y'u Rwanda agaragaza ko hari igihe uburezi bwakoreshejwe mu kwica u Rwanda hakigishwa ivanguramoko mu mashuri ryagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Nsengimana yavuze ko abayoboye itegurwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bari abantu bize, asaba abakora mu rwego rw'uburezi guhora bari maso no kwamagana ingengabitekerezo ya Jonoside.

Ati: "Bidusaba guhora turi maso tukirinda ko ingengabitekerezo ya Jenoside yongera kugaruka mu mashuri. Politiki mbi yagize uruhare mu guheza bamwe mu Banyarwanda mu mashuri no mu kazi, no gutoteza abanyeshuri n'abarimu."

Yagaragaje ko bafite inshingano zo kurinda amateka no kurera urubyiruko ruzira ingengabitekerezo ya Jenoside, kandi hakigishwa amateka nyayo no gutoza indangagaciro y'ubumwe, ubupfura n'ubwubahane kugira ngo amashuri abe isoko ry'ubumenyi no kubaka umuntu wuzuye.

Minisitiri Nsengimana yongeyeho ko kuba abato n'urubyiruko bagomba kwibuka ari umwanya wo kumenya aho Igihugu cyavuye no gutegura aho kigana binyujijwe mu ndangagaciro z'Ubunyarwanda.

Yagaragaje ko u Rwanda rushyize imbere uburezi budaheza buzira ivangura iryo ari ryo ryose, yihanangiriza urubyiruko ko nta shingiro rufite yo gukurana ingengabitekerezo ya Jenoside, ahubwo bagomba kubyaza umusaruro amahirwe ari mu gihugu.

Yagize ati: "Mufite amahirwe akomeye yo gukurira mu gihugu gifite amahoro n'iterambere kizira amacakubiri, ayo mahirwe akwiye kubabera ishingiro yo guhitamo icyiza. Ntimwabaye mu mateka mabi yatugejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi; bityo nta mpamvu n'imwe mufite yo gukurana ingegabitekerezo yayo."

Minisitiri Nsengimana yasabye abarimu bakiri urubyiruko gukomeza gusobanukirwa neza amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi kugira ngo bashobore kuyigisha, ndetse abashakashatsi bagakomeza kuyandika kugira ngo arusheho kumenyekana.

Yasabye ababyeyi ko bagira uruhare mu burezi n'uburere bw'abana agaragaza ko ari amahirwe akomeye kuba u Rwanda rufite abanyeshuri hafi miliyoni 5; ibyo bituma abarezi babakebura kandi bakabigisha neza kugira ngo aho uburezi bwakoreshejwe mu kwica u Rwanda bukoreshwe mu kurukiza.

Yagaragaje ko nubwo u Rwanda rukataje mu iterambere no kubaka uburezi nk'ishingiro ry'ubukungu ariko hakigaragara ingengabitekerezo ya Jenoside hirya no hino mu gihugu ariko cyane cyane mu bihugu byo mu Karere u Rwanda ruherereyemo; yerekana ko hakenewe uruhare rwa buri wese mu kuyirwanya.

Yongeyeho ati: "Turasaba buri wese kwiha inshingano yo kwamagana abagoreka amateka, abakoze Jenoside n'abakomeje guhembera ubwicanyi bagomba kugaragazwa kandi bakagezwa imbere y'ubutabera."

Minisitiri Nsengimana yashimye abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi ku budaheranwa no gufatanya n'abandi kubaka u Rwanda bagaragaza ndetse ashimira n'ubutwari bw'Ingabo zahoze ari iza FPR Inkotanyi zahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ubu rukaba rutekanye.



Perezida Paul Kagame ari mu Bakuru b'Ibihugu na Guverinoma bitabiriye irahira rya Perezida wa Repubulika ya Congo Denis Sassou Nguesso

# Perezida Kagame yitabiriye irahira rya Sassou Nguesso wa Congo

SHEMA Ivan

***Perezida Paul Kagame ni umwe mu Bakuru b'Ibihugu bitabiriye umuhango w'irahira rya mugenzi we wa Repubulika ya Congo, Denis Sassou Nguesso uherutse kongera gutorwa muri manda ya gatanu.***

Ni umuhango wabereye i Brazzaville kuri Kintélé Stadium ku wa 16 Mata 2026, witabirwa n'Abakuru b'Ibihugu bitandukanye bya Afurika harimo uw'u Rwanda Paul Kagame, Perezida w'Ibirwa bya Comores Azali Assoumani, uwa Repubulika ya Centrafrique Faustin-Archange Touadéra, uwa Gabon Brice Clotaire Oligui Nguema, Perezida Tshisekedi wa RDC na Ndayishimiye Evariste w'u Burundi n'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Ibihugu bikoresha Igifaransa (OIF) Louise Mushikiwabo.

Sassou Nguesso w'imyaka 82 yatsinze amatora yabaye ku wa 15 Werurwe 2026 n'amajwi 94,65%, ahigitse Mavoungou Zinga Mabio wagize amajwi 1,48% n'abandi bakandida batanu bagabanye asigaye. Iyi ntsinzi yamuhesheje kuyobora indi manda y'imyaka itanu.

U Rwanda na Repubulika ya Congo bifitanye umubano umaze igihe kirekire ndetse n'ubufatanye bukomeye mu nzego zitandukanye zirimo ubucuruzi, umutekano, ubuhinzi, imicungire y'ubutaka no koroshya ingendo zo mu kirere.

Muri Kanama 2016, u Rwanda rwafunguye ambasade muri Congo-Brazzaville.

Mu 2011, u Rwanda na Congo-Brazzaville byagiranye amasezerano y'ubuhahirane n'ubufatanye mu bijyanye n'ingendo zo mu kirere, guteza imbere ubukerarugendo, ingufu, umutekano, ubutabera ibidukikije n'uburobyi. Ni mu gihe RwandAir yo isanzwe ikorera ingendo hagati ya Kigali na Brazzaville guhera mu 2011.

Mu Ugushyingo 2021, ibihugu byombi byagiranye amasezerano y'ubutwererane mu bya gisirikare, ubufatanye mu kuzamura imyigire n'imyigishirize muri za kaminuza, ubutaka, ubufatanye mu iterambere rirambye, kubungabunga ibidukikije, guteza imbere ubucuruzi hagati y'ibihugu byombi no gukomeza kwagura ubufatanye mu guteza imbere ingendo zo mu kirere.

Mu 2023, Perezida Kagame yambitse Denis Sassou Nguesso wari mu Rwanda mu ruzinduko, umudali w'icyubahiro witwa 'Agaciro', amushimira umuhate we mu guharanira iterambere rya Afurika anamugabira inka.

# Kwibuka ni inshingano, igihango n'amateka aduhuza nk'Abanyarwanda – Irere



Umunyamabanga wa Leta muri MINEDUC, Irere Claudette yifatanyije na bo mu Karere ka Ngoma kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

NYIRANEZA Judith

***Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi Irere Claudette, yitabiriye igikorwa cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kibungo mu Karere ka Ngoma, ahashyinguwe abarenga ibihumbi 25. Yibutsa ko Kwibuka ari inshingano, igihango ndetse n'amateka ahuza Abanyarwanda.***

Ni igikorwa cyabaye ku wa Gatatu tariki ya 15 Mata 2026, ahazirikanwaga itariki ya 14 ishyira 15 Mata, ubwo Abatutsi bo muri ako gace bishwe urw'agashinyaguro.

Yagize ati: "Kwibuka ni inshingano, ni igihango kandi ni n'amateka aduhuza nk'Abanyarwanda. Ku bato n'urubyiruko, kwibuka ni umwanya wo kumenya aho twavuye ariko cyane cyane ni umwanya wo gutegura aho igihugu kigana, mufite amahirwe akomeye yo gukurira mu gihugu gifite amahoro n'iterambere, Igihugu kizira amacakubiri."

Irere yakomeje agaragariza urubyiruko ko kubera ayo mahirwe bafite, bagomba kwimika icyiza bakirinda amacakubiri n'urwango, bakirinda ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ati: "Ni amahirwe bakuru banyu batagize, ayo mahirwe akwiye kubabera inshingano n'ishingiro yo guhitamo icyiza, kwirinda amacakubiri n'urwango urwo ari rwo rwose. Ntimwabaye mu mateka mabi yatugejeje ku mateka mabi ya Jenoside bityo, nta mpamvu n'imwe mufite yo gukurana ingengabitekerezo yayo."

Yabasabye gusigasira amateka y'ukuri bamagana abashaka kuyagoreka, ahubwo bagaharanira kubaka u Rwanda ruteye imbere ruzira amacakubiri.

Ati: "Nimusigasire amateka y'ukuri, muyige kandi muyasobanukirwe, uwagerageza kuyagoreka mumwamagane, mube abarinzi b'u Rwanda ruzira amacakubiri, ejo hazaza h'u Rwanda ni mwe muzahagena, amahitamo ni ayanyu kandi twizeye ko muhitamo kandi muzanakomeza guhitamo neza mu kubaka u Rwanda rutarangwamo amacakubiri, u Rwanda rwiza rufite ubumwe n'iterambere birambye."

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi Irere, yibukije ko buri wese afite inshingano yo kwamagana abakwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside, cyane ko ikigaragara mu bihugu bimwe na bimwe byo mu Karere.

Ati: "Nubwo u Rwanda rwibuka ku nshuro ya 32, abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 baracyagaragara, by'umwihariko muri bimwe mu bihugu duturanye, turasaba buri wese kwiha inshingano yo kwamagana abagoreka amateka, abakoze Jenoside n'abakomeje guhembera ubwicanyi, bagomba kugaragazwa kandi bakagezwa imbere y'ubutabera."

Yasabye abagifite amakuru y'ahahereye imibiri itarashyingurwa mu cyubahiro kuyatanga.

Ati: "Turongera gusaba abafite amakuru yafasha kubona imibiri itarashyingurwa kuyatanga, kugira ngo abacu bose bataraboneka bashyingurwe mu cyubahiro kibakwiriye."

Yijeje ko Leta y'u Rwanda izakomeza kuba hafi abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu rugendo rwo kwiyubaka, kandi ko ingufu zahagaritse Jenoside ziyongereye, zikubye kenshi bityo agahamya adashidikanya ko Jenoside itazongera ukundi.





# U Rwanda rwashimangiye ko nta mutekano Akarere kagira FDLR itarasenywa

ZIGAMA Theoneste

***Ambasaderi w'u Rwanda Wungirije mu Muryango w'Abibumbye (Loni) Kayinamura Robert yatangaje ko nta nzira yizewe iganisha ku mahoro mu Karere k'Ibiyaga Bigari ishobora kubaho hatabanje kubaho guca intege no gusenya burundu umutwe wa FDLR, umutwe w'iterabwoba ugizwe na bamwe mu bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ushyigikiwe n'Ubutegetsi bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).***

Amb. Kayinamura, yabigarutseho ku wa Gatatu tariki ya 15 Mata, mu nama y'Akanama k'Umutekano ka Loni yasuzumaga ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'amahoro, umutekano n'ubufatanye mu Burasirazuba bwa Congo no mu Karere k'Ibiyaga Bigari, yashyizweho umukono mu 2013. Yavuze ko uwo mutwe witwaje intwaro ugikomeje guteza ikibazo gikomeye ku mutekano w'u Rwanda no kubangamira amahoro mu Karere.

Yagaragaje ko kuba FDLR ikomeje kubaho no kwihanganirwa mu Burasirazuba bwa RDC ari byo bibangamiye cyane umutekano w'u Rwanda, avuga ko ari "ikibazo gikomeye gikomeje kubaho gishobora guhungabanya ubuzima bw'Igihugu." Yagize ati: "Abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bahungiye muri Congo kandi kugeza n'uyu munsi baracyakora ibikorwa by'ubugizi bwa nabi, anasobanura ko kuba bari yo ari imwe mu mpamvu nyamukuru zatumye ayo masezerano yo mu 2013 ashyirwaho umukono."

Yashimangiye ko nubwo hashize imyaka irenga icumi ayo masezerano ashyizweho umukono, ibitera umutekano muke mu Burasirazuba bwa Congo bikiriho, bitewe no kudashyira mu bikorwa ibyo bemeranyijwe byo gusenya FDLR, aho kuba ari ikibazo cy'amasezerano ubwawo. Yagize ati: "Ibi ntibigaragaza ko amasezerano yananiwe, ahubwo ni uko atashyizwe mu bikorwa uko bikwiye."

Yakomeje avuga ko u Rwanda rwakomeje kubahiriza inshingano zarwo muri ayo masezerano no kugira uruhare rufatika mu gushaka amahoro mu Karere, rugamije gukemura imizi y'ibibazo bitera amakimbirane. Amb. Kayinamura yashimangiye ko kuba FDLR igihari binyuranyije n'ibyo ayo masezerano ateganya kandi bikabangamira inzira iganisha ku mahoro arambye.




U Rwanda rushimangira ko nta mahoro yabaho mu Karere hakiri umutwe wa FDLR

Yagize ati: "Nta nzira yizewe iganisha ku mahoro ishobora kubaho hatabayeho guca intege no gusenya burundu uwo mutwe." Uretse ibijyanye n'umutekano, Kayinamura yanagaragaje impungenge ku kwiyongera kw'imvugo z'urwango n'ihohoterwa rishingiye ku moko rikorerwa Abanyekongo bavuga Ikinyarwanda batuye mu Burasirazuba bwa Congo, cyane cyane Abanyamulenge.

Yavuze ko gukomeza kubita "abanyamahanga" bishobora kubangamira intego yo kubaka amahoro n'ubufatanye mu Karere. Yagize ati: "Amahoro arambye ntashobora kubakwa hashingiwe ku kwirengagiza ibibazo." Yasabye ko hakorwa ibiganiro byimbitse kandi by'ukuri ku bibazo byose bihari.

U Rwanda kandi rwashimye imbaraga ziri gushyirwa mu bya dipolomasi, zirimo gahunda zo guhagarika imirwano n'ibiganiro byo gushakira umuti ikibazo cy'umutekano, runashyigikira ingamba z'agateganyo nko gushyiraho ingabo zifasha mu kugarura ituze.

Amb. Kayinamura yabajije Akanama k'Umutekano impamvu, nyuma y'imyaka 13 ayo masezerano ashyizweho umukono, ibibazo by'ingenzi nko guca intege FDLR bitarakemuka, ndetse n'impamvu imvugo z'urwango n'ihohoterwa bikomeje. Ati: "Ni iki gituma twizera ko ibisubizo bizaba bitandukanye n'ibyo twabonye kugeza ubu?"

Yongeye gushimangira ko iki kibazo kidashobora gukemurwa n'intambara, avuga ko amahoro arambye azagerwaho binyuze mu kubazwa inshingano, ubufatanye n'ubwubahane hagati y'impande zose bireba. Ati: "Intsinzi y'aya masezerano izashingira ku kuba impande zose zubahiriza inshingano zazo zose, nta kurobanura."

# Kwibuka32: Abarenga 1,700 barahungabanye mu Cyumweru cy'Icyunamo-RBC

KAMALIZA Agnes

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima, RBC cyagaragaje ko mu Cyumweru cy'Icyunamo cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 32 cyatangiye ku wa 07 Mata gisozwa ku wa 13 Mata 2026 hakiriwe abantu 1,739 bagize ihungabana kubera amateka ya Jenoside.***

Umuyobozi w'Ishami Rishinzwe Ubuzima bwo mu Mutwe muri RBC, Dr. Gishoma Darius yagaragaje ko muri icyo cyumweru abahungabanye bagiye bafashirizwa aho bagiye kwibukira bagahita bakira, ariko abarenga 24% bikaba byarabaye ngombwa ko boherezwa mu bitaro.

Yagize ati: "Abagera kuri 24% byabaye ngombwa ko babohereza mu bitaro kugira ngo bitabweho."



Mu Cyumweru cy'Icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abasaga 1,700 bagize ihungabana

Dr. Gishoma yagaragaje ko Umujyi wa Kigali ari wo wagaragayemo umubare munini w'abahungabanye kuko bangana na 577 bangana na 27,4%, Intara y'Amajyepfo ni 421 bangana na 24%, Uburasirazuba ni 395 bangana na 22,7%, Uburengerazuba ni 363 bangana na 20,8% mu gihe mu Ntara y'Amajyaruguru ari 83 bangana na 4,7%.

RBC igaragaza ko mu mwaka wa 2025, abantu 4,192 bahungabanye mu bihe byo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, barimo 2,666 bahungabaniye ahabera ibikorwa byo kwibuka n'abandi 1,526 bahungabaniye mu ngo zabo bakajyanwa kuvuzwa.

Mu kiganiro n'itangazamakuru ku wa 02 Mata 2026, Dr. Gishoma yavuze ko abantu bahungabana bari mu byiciro byose haba ababaye muri ibyo bihe n'abavutse nyuma yabyo.

Mu bagize ihungabana n'ibimenyetso byaryo, abakuze bangana na 90% mu gihe 10% ari urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ruri hagati y'imyaka 18 na 30.

# Bugesera: Umugambi wa Jenoside watangiye kera binyuze muri politiki y'ivangura - Dr. Bizimana

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr Bizimana Jean Damascene, yagaragaje ko umugambi wa Jenoside watangiye kera, Leta yigisha urwango binyuze muri politiki y'ivangura itandukanya Abanyarwanda.***

Yabigarutseho ku wa 14 Mata 2026, ubwo yifatanyaga mu gikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu Karere ka Bugesera, aho Abatutsi basaga ibihumbi 3 biciwe ku musozi wa Rebero i Mayange no mu nkengero zawo.

Ati: "Icyatumye Jenoside yakorewe Abatutsi ishoboka ni uko Leta yigishije urwango. Kayibanda na Habyarimana bashyizeho politiki itandukanya Abanyarwanda. Ubu u Rwanda ntabwo rukigendera ku bwoko, ntabwo rukigendera ku Karere, rwubakiye ku gushakira ineza buri Munyarwanda." Yakomeje asobanura ko Jenoside atari impanuka kandi itareberwa ku mubare w'abishwe.

Ati: "Impamvu nyampamvu ya Jenoside ifite igisobanuro, ntabwo Jenoside ari impanuka ni gahunda, ni politiki yateguwe irigishwa kandi yigishwa imyaka myinshi. Nta gerageza rya Jenoside ribaho, Jenoside ni Jenoside, ijambo igerageza muzarireke. N'iyo bishe Umutusi umwe [.....] Jenoside iva ku mugambi wo kwica abantu ubahora ubwoko bwabo ntabwo bituruka ku mubare w'abishwe, ahubwo Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda itangira mu 1990, gusa 1994 ni yo yabaye rurangiza kandi amahanga akaba ari yo iyemeza."

Yongeyeho ati: "Umugambi wo kwica Abatutsi wamaze imyaka 35, si impanuka uwo mugambi ushyizwe muri politiki wari ushingiye ku ngingo mbi ivuga



Minisitiri wa MINUBUMWE, Dr. Bizimana Jean Damascene yagaragaje uburyo umugambi wa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 wanyuze muri politiki

ngo igihugu n'ibyacyo byose ni iby'Abahutu, ni cyo twakwita intangiriro, ihame remezo rya Jenoside yakorewe Abatutsi, politiki mbi, yo kubuza Abatutsi kwiga, nta burenganzira ku gihugu,..."

Minisitiri Dr. Bizimana yasabye ababyeyi gutoza abana indangagaciro ziboneye. Ati: "Abana mubigishe ubutwari, ishyaka, ubupfura, kubana neza no gukunda Igihugu; mubigishe amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kugira ngo bakuremo amasomo atuma baharanira ko Jenoside itazongera kubaho."

Yagarutse ku babyeyi bagifite imitekerereze yuzuye urwango n'ivangura, abasaba guhinduka kuko baba babahemukira.

Ati: "Ababyeyi bagikomeza kwigisha abana babo urwango, ivangura, amacakubiri, ingengabitekerezo ya Jenoside, bahakana Jenoside bakoze, bararaga abana babo urubanza rwabananiye. Baragirira abana babo nabi."

Dr. Bizimana yashishikarije abana kwima amatwi abashaka kubagira imbata y'amateka mabi. Ati: "Bana rero, uzagerageza kubashyiramo urwango ntimuzamwemerere. Ntimuzemere kuba imbata y'amateka mabi. Mwimakaze urukundo no kubaka u Rwanda rwa twese, ni na rwo Abatutsi bishwe bifuzaga kubona."

Umuyobozi w'Akarere ka Bugesera Mutabazi Richard yagize ati: "Kuri uyu musozi, ubutwari no kwihagararaho byaranze Abatutsi bari bahahungiye ntibizibagirana, tuzakomeza gufatanya kugira ngo bigerweho ndetse n'izo ndangagaciro zabo tuzigumane tuzihe abadukomokaho."

ZIGAMA Theoneste

# Ibirego by'ingengabitekerezo ya Jenoside mu cyunamo byagabanyutseho 38,1%

***Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) rwatangaje ko mu cyumweru cy'icyunamo cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, rwakiriye dosiye 47 z'ibyaha by'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibifitanye isano na yo, aho byagabanyutseho 38,1% ugeranyije n'iby'umwaka ushize wa 2025 aho rwari rwakiriye ibigera kuri 76.***

Byagarutsweho n'Umuvugizi wa RIB, Dr. Murangira B. Thierry, mu kiganiro yagiranye na Televiziyo y'u Rwanda, ku wa Kabiri tariki ya 14 Mata 2026. Yagize ati: "Iyo twakira ibirego hari ibyo ubona bidatana n'ingengabitekerezo ya Jenoside cyane icy'ivangura n'amacakubiri. Uyu mwaka byari ibirego bitanu mu mwaka ushize byari bitandatu byagabanyutse ku kigero cya 16,7%."

Dr Murangira yatangaje ko abaketsweho bose muri ibyo byaha bagabanyutseho 27,2%, aho avuga ko muri ibyo byaha, icyo guhohotera uwacitse ku icumu rya Jenoside ari cyo kiri ku isonga kuko habonetsemo



Mu cyumweru cy'icyunamo cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, byagaragaye ko ingengabitekerezo yagabanyutse ugereranyije n'umwaka wa 2025

ibyaha 22, bingana na 44.9%, guhakana Jenoside ni ibyaha 8 bingana na 16,3%.

Gupfobya Jenoside habonetse ibirego 7 bingana na 14.3%, guha ishingiro Jenoside ibirego 6, bingana na 12,2%, ingengabitekerezo ya Jenoside habonetse ibyaha 4 bingana na 8,2%, kuzimiza cyangwa gutesha agaciro ibimenyetso byerekeye Jenoside 2% n'icyaha cyo gusenya, konona cyangwa gutesha agaciro urwibutso rwa Jenoside cyangwa ahashyinguye imibiri y'abazize Jenoside bingana na 2%.

Intara y'Amajyepfo ni iyo iza ku isonga mu kugaragaramo ibyaha byinshi aho yagize 29%, iy'Iburasirazuba ifite 27%. Mu Turere 10, aka Gasabo ni ko kaza ku mwanya wa mbere n'ibirego bitanu, byihariye 10,6%, Gatsibo, Nyanza n'ibirego 4 muri buri Karere, Nyamagabe na Rubavu 3, Nyagatare, Nyamasheke na Nyaruguru habonetse ibirego bibiri muri buri Karere.

Dr Murangira yavuze ko abakekwaho ibyo byaha bari mu kigero cy'imyaka 37 na 46, bari 15 bangana 28,3%, hagakurikiraho abafite 57 kuzamura bari 13, bingana na 24,5%, hakurikiraho abari mu cyiciro cy'urubyiruko bafite imyaka 27 na 36 bakaba bari 12, bihwanye na 22,6%.

Hari kandi abari mu myaka 17 kugera kuri 26 ni abantu 9 bangana 17% n'icy'abafite imyaka 47 kugera kuri 56, hakaba harakiriwe ibirego by'abantu bane bingana na 7%.

Iyo urebye iyo mibare igaragaza ko ab'igitsina gabo ari bo benshi bakurikiranyweho ibyo byaha bangana na 88,7% ab'igitsina gore bakaba 11,3%. Abo barimo abize amashuri abanza bangana na 58,5% ari bo benshi bari 31.

Abatarize bangana na 32,1%, abize amashuri yisumbuye ni 1 bingana na 1,9%, abize kaminuza ni abantu 2 bangana na 3,8%, abize icyiciro cya 3 cya kaminuza (Masters) ni 1 bingana na 1,9% bangana n'abize amashuri y'imyuga.





# Kwibuka32: Padiri Munyeshyaka yicishije Abatutsi, Musenyeri Hakizimana we arabahisha

ZIGAMA Theoneste

***Abarokeye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu rugo rw'abafureri rwa St Paul no muri Kiliziya ya Ste Famillle mu Mujyi wa Kigali berekanye ubugome bakorewe na Padri Wenceslas Munyeshyaka wahayoboraga aho yafatanyaga n'Interahamwe kwica Abatutsi, mu gihe mugenzi we wari Padri Hakizimana Celestin kuri ubu akaba ari Musenyeri wa Diyosezi gatolika ya Gikongoro we hari abo yahishe bakarokoka Jenoside.***


Abakozi b'Umushinga Tubura basuye urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Kigali ku Gisozi

Ni ubuhamya bwatanzwe ku wa Kane tariki ya 16 Mata 2026, ubwo abakozi b'Umushinga Tubura basuraga urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ruri ku Gisozi ndetse no kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Mu buhamya bwatanzwe n'uwitwa Gasasira Jean wari wahungiye muri Ste Famille, yagarutse ku rugendo rutoroshye Abatutsi banyuzemo by'umwihariko abari batuye ku Muhima n'inkengero za St Paul na Ste Famille, banyuzemo bahahungira.

Yavuze ko nyuma yo gutotezwa mu bihe bitandukanye kuva mu 1990 kugeza mu 1994, bamwe bakicirwa ababo, Jenoside itangiye bizeraga ko nibahungira mu bigo by'abihayimana bazahabonera amakiriro ariko Padiri Munyeshyaka bagiye basanga, yabakoreye ubugome bukomeye arabicisha.

Ku rundi ruhande ariko Gasasira avuga ko uwari Padri mu 1994, kuri ubu akaba ari Musenyeri wa Diyosizi Gatolika ya Gikongoro, Hakizimana Célèstin, yagize ubutwari bwo guhisha Abatutsi bari bahungiye muri St Paul kugira ngo baticwa, harimo na se umubyara, nubwo nyuma Interahamwe zaje kumwica ariko yari yagerageje kumuhungisha.

Yagize ati: "Papa kuri 12 Mata, ni bwo yazamutse anyuze muri ruhurura, ahungira muri St Paul, nanjye nagezeyo tariki ya 18. Papa ageze muri St Paul, Musenyeri wa Gikongoro, uyu munsi Nyiricyubahiro Celestin Hakizimana, icyo gihe yari Padiri waho yaramuhishe kimwe n'abandi. Perefere [wari uwa Kigali], Renzaho, Burugumesitiri Bizimana, Gen. Maj. Laurent Munyakazi baravuga ngo bamenye Papa witwaga Yaremye ko ari muri St Paul". Gasasira avuga ko icyo gihe Musenyeri Hakizimana ngo yambitse se ikanzu y'Abafuratiri, kuko abo bategetsi barimo kumuhiga ngo bamwice, aramuhungisha.

Yagize ati: "Nyiricyuhabahiro Musenyeri Hakizimana, Imana ijye imuha umugisha, yambika data ikanzu y'Abafuratiri, amugeza i Kabgayi." Interahamwe zimenye ko ariho yahungirijwe zagiye kumurebayo zirahamwicira.

Yavuze ko nubwo Musenyeri Hakizimana yarimo akiza Abatutsi bahigwaga, mugenzi we Padiri Munyeshyaka Wenceslas we yarimo kubicisha nyamara harimo abakirisitu yabatije akanabakomeza, abamubereye abahereza n'abasomaga ijambo ry'Imana muri Kiliziya yayoboraga.

Ati: "Musenyeri uriya Hakizimana yakijije Abatutsi muri St Paul, twebwe muri Ste Famille twicwa na Padiri Wencislas Munyeshyaka. Bari abapadiri babiri batandukanye."

Umuyobozi Mukuru w'Umushinga Tubura Bwiza Belinda yavuze ko kwibuka ari intego idasubira inyuma bihaye ndetse no gufasha abarokotse kwiyubaka.

Yagize ati: "Twateraniye hano tuzirikana insanganyamatsiko ihamya inshingano zacu ko tugomba Kwibuka twiyubaka. Twibuka binyuze mu majwi mu buhamya, izi ntabwo ari inkuru gusa z'ibyabaye twiyibutsa, ni umutima w'igihugu tuzirikana. Uyu munsi turi hano hashyinguye inzirakarengane zisaga 250 000 zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994".

Akomeza agira ati: "Iyo hatanzwe ubuhamya biduhamiriza ukuri. Byibutsa buri muntu wese ku Isi guhora turi maso. Abarakotse Jenoside, turazirikana ko mwikoreye umutwaro utoroshye ari ko si uwa mwenyine. Buri mwaka duhurira hamwe kugira tubereke ko tubafashe mu mugongo, ntabwo muzigera mwibagirana."

Umuyobozi Mukuru w'Umushinga Tubura mu Rwanda, Bwiza Belinda yashimangiye ko kuba basuye Urwibutso rwa Gisozi ari ingirakamaro ku bakozi kuko bituma bafata iya mbere mu gukumira ko Jenoside itazongera kubaho ku Isi.

Yagize ati: "Binyuze muri iki gikorwa cyo kwibuka, twongera kubungabunga inshingano dusangiye twese. "Ntibizongere kubaho ukundi" si amagambo gusa, ni isezerano, tugomba guhora twiyibutsa, rigaragarira mu mitekerereze yacu, mu bikorwa byacu, no mu buryo twitwara mu miryango n'aho dutuye buri munsi."

Bamwe mu bakozi ba Tubura barimo Mutesi Denyse bashimye ko basuye urwibutso rwa Jenoside kandi ko bahakuye amasomo yo guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside. Yagize ati: "Gusura urwibutso bitwibutsa kubaho twirinda amacakubiri no kubaka igihugu kirwanya ingengabitekerezo ya Jenoside none n'ejo hazaza."

Wenceslas Munyeshyaka ni umupadiri w'Umunyarwanda wavutse ku wa 30 Nyakanga 1958. Azwi cyane kubera ibirego byamushinjaga uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu 2006, Urukiko rwa Gisirikare rw'u Rwanda rwakatiye padiri Munyeshyaka igifungo cya burundu adahari, mu rubanza yaregwagamo hamwe na Maj. Gen. Laurent Munyakazi nyuma yo guhamwa n'ibyaha byo kwica Abatutsi babarirwa mu magana bari bahungiye ku Kiliziya ya Ste Famille mu gihe cya Jenoside.

Mu Bufaransa, inkiko zamukozeho iperereza ku byaha bya Jenoside, ariko mu Ukwakira 2015, urubanza rwarahagaritswe kubera ko ibimenyetso byafashwe nk'ibidahagije cyangwa bidakomeye ku buryo byatuma akurikiranwa mu rukiko.

Mu itangazo ryasohowe ku wa Gatanu tariki 3 Ukuboza 2021 aho Padiri Munyeshyaka yakoreraga, rivuga ko yahagaritswe ku mirimo nyuma y'uko yemeye ko ari we se w'umwana muri Nzeri 2021 ahitwa i Gisors. Uwo mwana utavugwa amazina, ikinyamakuru www.tendanceouest.com cyanditse ko yavuze mu 2010.

Padiri Wenceslas Munyeshyaka yasabye kuba impunzi ya Politiki, kuva yagera mu Bufaransa mu 1994. Ubwo yari amaze imyaka ibiri muri icyo gihugu, yakiriwe muri Diyosezi ya Évreux, nyuma akorera muri za Paruwasi zitandukanye, iheruka yakoreyemo, ikaba ari Paruwasi ya Brionne.

Mu 2023, Wenceslas Munyeshyaka, yahagaritswe na Papa Francis kuba umupadiri muri Kiliziya gatolika ku Isi hose nk'uko byatangajwe mu itangazo ry'umwepiskopi wa diyoseze ya Évreux mu majyaruguru y'u Bufaransa aho yakoreraga.

# Twahungiye kwa Pasiteri twicwa n'abambaye amakanzu tubatirizwamo - Ubuhamya bwa Akaniwabo

**HITIMANA Servand**

***Akaniwabo Collette warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, utuye mu Karere ka Bugesera yagarutse ku nzira yanyuzemo we na bagenzi be bahungiye ku wari pasiteri wabo mu idini ya Pantekote bakicwa n'abo yambitse amakanzu bambaraga bagiye kubatizwa aho bayambariye ku mihoro.***



Akaniwabo Collette yagarutse ku buryo bishwe n'abo basenganaga

Ibi Akaniwabo yabigarutseho mu buhamya yatanze ubwo hibukwaga Abatutsi bashyinguye mu rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Ntarama ruherereye i Bugesera.

Yagize ati: "Nari nsanzwe nsengera mu itorero rya ADEPR ndetse uko twari twahunze tuva iwacu i Mwogo twari abarokore benshi turi kumwe n'abapasiteri b'Abatutsi. Twageze ku gasozi ka Kayumba tugabwaho ibitero turaraswa abarokotse twigira inama yo guhungira kwa pasiteri Uwinkindi Jean kuri Paruwasi ya Kayenzi. Twumvaga aduhisha nk'abakirisitu be ndetse n'abashumba bakoranaga."

Avuga ko icyizere bari bamufiteho cyaraje amasinde bagasanga yarabaye umwicanyi ruharwa.

Ati: "Twagiyeyo dushyitse ku marembo, mu kuza kutwakira, pasiteri yambitse interahamwe amakanzu yambarwa n'abagiye kubatizwa, imbere bashyiramo imihoro bayikenyereraho. Tukinjira mu mbuga bahise babwira abagabo n'abasore gupfukama hasi bakuramo ya mihoro batangira gutema abantu barabarimbura. Nikinze kuri robine yari iruhande nanjye sinzi uko batambonye uwo munsi ndawusimbuka."

Akomeza agira ati: "Mu bugome bukomeye bwa pasiteri Uwinkindi, yategetse umusore witwa Karuranga kujya yikorera imirambo ayijugunya mu cyobo bagamije kumwica nyuma, birangira ataye ubwenge kubera ibyo yabonaga. Uwinkindi yategetse ko batamwica ngo azakomeze kwirukanka ku musozi, kandi koko yahoraga azunguruka atabaza kugeza bamwishe n'ubundi."

Akaniwabo avuga ko yabayeho mu kangaratete kugeza ubwo Inkotanyi zamusangaga i Kayumba zikamurokora. Akaniwabo avuga ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yabayeho abihiwe cyane n'ubuzima kwiyakira biramugora.

Ati: "Ntabwo nifuzaga kuvuga. Banyitaga kibihira kuko nari nabihiwe cyane. Leta nziza yagiye ituba hafi iraduhumuriza ubuzima bugenda bugaruka. Uyu munsi turiho kandi tuzabaho. Ubu ndahinga umuceri nkeza nkajyana miliyoni zingahe kuri SACCO. Ubwo se si ndi umuntu w'umugabo? Ndashima cyane Inkotanyi zatumye ngaruka mu buzima, ndazikunda kandi nzahora nzikunda."

Umuyobozi wa Ibuka mu Karere ka Bugesera Ndatsikira Evode yavuze ko abafite ubuhamya nk'ubwa Akaniwabo ari benshi asaba abacitse ku icumu rya Jenoside gukomera ntibagwe mu mutego w'ibyifuzo by'abashakaga kubarimbura.

Ati: "Uyu munsi twibuka abacu batuvuyemo tubakunze. Nyuma y'imyaka 32, dukwiye gukomera tukibuka twiyubaka, tukigira, abagambiriye kutwica ntibabone twandavuye nkuko babyifuzaga."

Jean Uwinkindi wahoze ari Pasiteri mu cyahoze ari Komini Kanzenze, habaye mu Karere ka Bugesera, yafashwe mu mwaka wa 2010 muri Uganda, ahita yoherezwa ku rukiko rw'i Arusha, nyuma rumwohereza mu Rwanda tariki 19 Mata 2012 ubwo rwendaga gusoza imirimo yarwo.

Ku wa 30 Ukuboza 2015, Urukiko rukuru rwamuhamije ibyaha bya Jenoside n'ibyibasiye inyoko muntu rumukatira igifungo cya burundu.

# Muhanga: Urwibutso rwa Jenoside rwa Kiyumba ruruhukiyemo abishwe urw'agashinyaguro

**HABIMANA Eric**

***Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Kiyumba ruruhukiyemo imibiri 736 y´Abatutsi biciwe mu cyahoze ari Komini Nyabikenke, harimo abishwe urupfu rw'agashinyaguro, batemwe ibitsi, kugira ngo badashobora kugenda ngo babe babacika.***

Ni ibyagarutsweho n'Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga, Kayitare Jacqueline mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, cyabaye ku wa Gatatu tariki ya 15 Mata 2026.

Yavuze ko bamwe mu bahiciwe batishwe gusa, ahubwo babanje gukorerwa iyicarubozo rikomeye ririmo no gutemwa ibitsi kugira ngo batabasha guhunga.

Ati: "Imibiri iruhukiye muri uru rwibutso rwa ni abari bananiwe kugenda, ni abatemwe ibitsi, ni abari bananiwe bitewe n'imyaka yabo kuko gahunda yari ukubajyana kuri Nyabarongo, kuko uwahagezaga abakiri bazima yahembwaga."

Yakomeje asobanura ko abo bishwe babanje gukorerwa iyicarubozo rikomeye, bamwe ntibashobore no kugera aho bari bajyanywe kwicirwa, ahubwo bakicirwa aho bageze kubera intege nke n´inzara.

Icyakora, nubwo hashize imyaka 32 Jenoside ihagaritswe haracyari imbogamizi zikomeye mu gushyingura mu cyubahiro imibiri y'Abatutsi bishwe, bitewe n'abantu banangiye imitima badatanga amakuru y'aho abishwe bajugunywe.

Ati: "Abenshi dushyingura nta mugiraneza uturangira aho bari, akenshi tubasanga mu bikorwa by'iterambere nko kubaka imihanda, gucukura amaterasi cyangwa ibyumba by'amashuri, hari n'aho dusanga barubakiweho inzu nkana."

Yavuze ko ibi bigaragaza ko hakiri urugendo rurerure mu guhindura imitima ya bamwe, asaba ko hakomeza ubukangurambaga bwo kwigisha kugira ngo ayo makuru atangwe, ababuze ababo babashe kubashyingura mu cyubahiro.

Nubwo bimeze bityo, Kayitare yashimangiye ko hari intambwe nini Igihugu kimaze gutera, aho Abanyarwanda by'umwihariko abarokotse Jenoside babayeho mu mutekano, nubwo banyuze mu bihe bikomeye.

Ati: "Hari igihe Abatutsi babayeho batarabishe ku buryo bw´umubiri ahubwo barishwe bahagaze bitewe n'itotezwa, uyu munsi dufite icyizere cyo kubaho dukesha Igihugu cyacu na RPA-Inkotanyi zari ziyobowe na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame."

Uyu muyobozi akomeza asaba abarokotse Jenoside kudacika intege, anashishikariza Abanyarwanda bose gukomeza gushyira hamwe no kugira umutima wo gutanga amakuru, kabone n'iyo byakorwa mu buryo bw'ibanga, kugira ngo abafite ababo batarashyingurwa, bashyingure ababo mu cyubahiro, bumve baruhutse.


Imwe mu mibiri iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Kiyumba





# Nyamasheke: Barasaba ko kubaka Urwibutso rushya rwa Hanika byakwihutishwa

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Abafite ababo bashyinguye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Hanika mu Karere ka Nyamasheke bavuga ko bafite impungenge z'amasanduku bashyinguyemo yangiritse kubera ubukonje, ubuto bwarwo, kuba rwaruzuye n'izindi mpamvu batanga, bagasaba ko itangira ry'imirimo yo kubaka urushya ryakwihutishwa.***



Hifuzwa ko urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Hanika rwakubakwa, rukanagurwa

Habinshuti Roger Papias ufite abe barushyinguyemo, yabwiye Imvaho Nshya ko rwubatswe mu 1997 hashyingurwamo imibiri y'Abatutsi biciwe kuri Paruwasi gatolika ya Hanika, ari na ho rwubatse, n'abari biciwe hirya no hino mu bice by'iyahoze ari Komini Gatare n'inkengero zayo.

Yakusanyijwe mu 1996 ishyirwa mu nyubako z'ababikira zihari, akavuga ko mu 1997 ari bwo urwibutso ruhari rwubatswe n'abantu ku giti cyabo bakusanyije ubushobozi kuko nta yindi ngengo y'imari yari ihari, mu buryo n'ubushobozi bw'icyo gihe no gutabara imibiri babonaga ishobora kwangirikira aho yari iri.

Ati: "Icyo gihe twayishyinguye mu masanduku asanzwe ducukuye imva zisanzwe tuyashyiramo. Ubu turabona ko hakwiye urwibutso rukomeye, rwagutse rubasha kubika neza imibiri yose yaboneka.

Ikindi ni uko ayo masanduku yangiritse, bikadutera impungenge ko n'imibiri irimo yangiritse bitewe n'ubukonje buyigeramo kuko urwibutso rwubatse ku musozi kandi n'amashahi yageraga ku mva hakarushaho kwangirika."

Mukangira Angélique ushinzwe imirimo ya buri munsi yarwo kuva rwashyingirwamo bwa mbere mu 1997, avuga ko impungenge zikomeye zihari ari uko rumaze kuzura ku buryo ahasigaye hajya imibiri itagera ku 10, kandi hari imibiri igenda iboneka, n'imyumvire itangiye kuzamuka ku buryo n'abashyinguye ababo mu mva zo mu ngo bashaka kubazana mu rwibutso.

Ati: "Kugeza ubu rushyinguyemo imibiri 8 442. Umwanya usigaye ntushobora kujyamo amasanduku agera ku 10. Kubera ko n'arimo acucitse cyane, dufite impungenge z'imibiri ishobora kwangirika, tukanagira iz'iy'ishyinguye mu mva rusange yangirika kubera ubukonje bwinshi ,kuko aho ishyinguye ari igice cy'imisozi, ubukonje butabura kuyigeramo."

Yakomeje agira ati: "Nubwo muri iki gihe abafite amakuru y'imibiri itaraboneka ngo ishyingurwe mu cyubahiro bakomeje kuyaceceka, ariko aha i Hanika honyine haguye Abatutsi, bagera mu 15 000, bivuze ko hari imibiri irenga 6000 tutarabona.

Nubwo tuzi ko hari iyo tutazabona kubera aho yajugunywe, mu kiyaga cya Kivu, mu mugezi wa Karundura n'ahandi. Hashobora kugira iboneka, n'iyi iva aho yari ishyinguye mu ngo tukagira ikibazo cy'aho yashyirwa igihe urwo rwibutso rwaba rutaraboneka."

Yunzemo ati: "Ni na ngombwa ko turinda imibiri kwangirika kuko n'ubundi gukomeza kuyitsindagira hamwe biyitera kwangirika kurushahaho tukaba nta mateka twaba tubungabunga."

Mukamana Fausta na we ufite abe barushyinguyemo, avuga ko gusura inzibitso kuri bo ari ingirakamaro ndetse agasaba ko kubaka urujyanye n'igihe byakwihutishwa.

Ati: "Ubundi inzibutso zigezweho ziba zifite ahashyinguye imibiri, igice cy'urukuta rw'amazina y'abishwe, igice cy'amafoto aba yabashije kuboneka n'igice cy'ibiranga amateka ya Jenoside yivugira, hakanaba ubusitani bwiza bwo kwibuka.

Uru rwacu rwo no kurwinjiramo hinjira bake cyane kuko benshi batabona aho bahagarara."

Ati: "Ruramutse rwubatse neza mu buryo burushijeho guhesha icyubahiro abacu barushyinguyemo, ruri ahagutse runafite ibyangombwa byose nk'ibyo dusanga ahandi mu zubatswe vuba, byarushaho kuturuhura imitima. Twaba twizeye ko abacu baruhukiye aho twifuza."

Tariki ya 11 Mata 2026, ubwo kuri uru rwibutso hibukirwa ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi hanashyingurwa mu cyubahiro imibiri 2 yari ishyinguye mu mva zo mu ngo, iki kibazo cyagarutsweho n'uhagarariye Ibuka mu Karere ka Nyamasheke, Gasasira Marcel.

Yagize ati: "Turasaba gukomeza kwita ku nzibutso zishyinguyemo mu buryo zitabitse neza imibiri mu buryo burambye, aho bitugaragarira ko nk'uru rwa Hanika aho twashyinguye hasigaye ari hato, ndetse no ku mibiri ishyinguye hano, inyuma aho tureba, bigaragara ko uburyo ishyinguyemo butayibika mu buryo burambye. Dusaba ko mu buryo bwo gutabara iyo mibiri hakubakwa vubaurujyanye na byo."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke, Mupenzi Narcisse avuga ko nubwo muri uyu mwaka w'ingengo y'imari uru rwibutso rutarimo kuko bagomba kubanza kurangiza urwa Rwamatamu, uru rwa Hanika na rwo mu myaka iri imbere ruzubakwa.

Ati: "Mu Karere kacu twari dufite inzibutso 21. Muri gahunda yo kuzihuza tuzasigarana inzibutso 10. Urwa Hanika ni rumwe mu zizasigara. Turateganya gushakisha ingengo y'imari ngo nyuma y'urwa Rwamatamu tuzakurikizeho urwa Hanika, n'izindi zizubakwa zizakurikireho.

# Inkotanyi zadusubije ubuzima n’icyizere,tubaho ubwa kabiri -Ubuhamya bwa Ringuyeneza



Ringuyeneza yatangaje ko Inkotanyi zabarokoye zabongereye icyizere cy’ubuzima bavuka bwa kabiri

HABIMANA Eric

***Ringuyeneza Florien utuye mu Karere ka Muhanga yahamije ko ubwo Ingabo za RPA Inkotanyi zahagarikaga Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, zikamurokara we n’abandi bahigwaga n’Interahamwe, byarabasubijemo icyizere n’ubuzima bamera nk’abavutse ubwa kabiri.***

Ringuyeneza Florien yagarutse ku buryo ivangura n’itotezwa byatangiye kera akiri umwana,bikagera ku rwego rwo gutotezwa no gukorerwa ibikorwa by´itotezwa bitwa Inyenzi, bakanakorerwa ibikorwa by’ubugome.

Yavuze ko mbere ya Jenoside yari umunyeshuri, ariko akigera ku ishuri agatangira guhura n’ivangura, aho yatangiye kwitwa “inyenzi” azira gusa kuba yari Umututsi, ibi byageze aho we na bagenzi be bajyanwaga gushyingura imitumba babwirwa ko barimo gushyingura “Inyenzi”.

Yagize ati “Batubwiraga ko turi gushyingura Inyenzi, nyamara ari imitumba baduhaye. Icyo gihe ntitwabyumvaga kuko twari abana.”

Akomeza avuga ko n’abarimu bamwe bagize uruhare mu kumutoza urwango no kumutoteza, aho umwe yamukubise urubaho mu mutwe amuhora ko ngo ari Umututsi, nyamara atari azi iby’amoko icyo ari cyo.

Mu minsi yakurikiyeho, yumvise kuri radiyo bavuga ko Inkotanyi zatsinzwe, arishima kuko yatekerezaga ko gutotezwa kwe kuzarangira, icyo atari azi ngo ni uko ari zo zari kuzamurokora.

Ku wa 7 Mata 1994, ibintu ni bwo byahindutse bibi kurushaho, aho abantu baje iwabo bavuga ko indege ya Perezida ihanutse ariko bo bavuga ngo “indege y´umubyeyi irahanutse”.

Nyirakuru babanaga yahise agira ubwoba, mu gihe abandi bahise batangira guhunga, Ringuyeneza we ntiyashoboye guhunga kuko yari akiri muto kandi arwaje uwo mukecuru.

Nyuma yaho, abaturanyi batangiye guhinduka, bamwe baza kubasahura no kubambura ibyabo, abandi baza bafite umugambi wo kubica. Ku munsi wa mbere babasabye amafaranga barayabaha, ariko ku munsi wakurikiyeho ibintu byafashe indi ntera, aho basahuwe ibyabo byose.

Ibyo byakurikiwe n’ibitero by’Interahamwe byabashoreye bajyanwa kwicwa, icyo gihe ngo hari aho bagejejwe bagambiriye kubata mu cyobo i Kanyanza, ariko bagize amahirwe imvura iragwa, maze abari babashoreye baratatana bajya gusahura, na bo baboneraho guhunga.

Ringuyeneza ati: “Twahise twiruka turagenda, twihisha uko dushoboye abenshi mu muryango wanjye barishwe, bamwe batwikwa ari bazima, abandi bajugunywa mu cyobo cyari i Kanyanza.”

Nyuma yo gukomeza ubuzima bwo guhunga no kwihisha, yaje kurokorwa n’Inkotanyi, ari na bwo ubuzima bwe bwongeye gutangira bushya, nubwo yari amaze gutakaza benshi mu muryango we.

Ati: “Inkotanyi ni zo zandokoye kuko naho bari bamfashe bari barampinduye nk´igikoresho cyabo, numva na bo bazanyica, ariko nkihura n´Inkotanyi ubwo zageraga i Kanyanza zarandokoye, zinyereka ko ndi mu maboko mazima, navuga ko ngihura na zo nari nongeye kuvuka bushya.”

Avuga ko nyuma yo kurokoka, yabanje kugira umutima wo kwihorera, ariko aza kugenda yigishwa imbabazi n’ubumwe, bituma ava mu rwango.

Ati “Nifuzaga kwihorera, ariko Inkotanyi zanyigishije kubabarira, ubu mfite umutima utuje.”

Uyu munsi, Ringuyeneza avuga ko yashoboye kwiyubaka, ariga, ndetse ubuzima bwe bukaba bwarasubiye ku murongo, ashimira ubuyobozi bw’u Rwanda bwagaruye ituze n’icyizere cy’ubuzima ku Banyarwanda.

Yagize ati “Twongeye kubaho bwa kabiri, ubu uwarokotse Jenoside afite ubuzima, afite icyizere cy’ejo hazaza.”

Asaba abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n’Abanyarwanda muri rusange gukomeza inzira y’ubumwe no kubabarirana kuko ari byo shingiro ryo gukira ibikomere.

Yabitangaje mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ku wa 15 Mata 2025, cyabereye ku rwibutso rwa Kiyumba mu Karere ka Muhanga, ahiciwe bamwe mu bagize umuryango we.




Mu Kagari ka Shagasha mu Murenge wa Gihundwe, habonetse imibiri 6 y’abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

# Rusizi: Habonetse imibiri 6 y’abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi

NDOLI Sitio

***Ubuyobozi bw’Akarere ka Rusizi bwatangaje ko bumaze kubona imibiri itandatu y’abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bari barashyinguwe mu Kagari ka Shagasha mu Murenge wa Gihundwe ariko amakuru akaba atari yakamenyekanye ngo bashyingurwe mu cyubahiro.***

Umuyobozi w’Akarere ka Rusizi Sindayiheba Phanuel yabivuze mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu Murenge wa Nkanka ku wa 18 Mata 2026, ko aya makuru bayahawe tariki 14 Mata 2026, n’umuturage warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: “Ni amakuru twahawe n’umusaza Kalisa Callixte, warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, atuye mu Kagari ka Shagasha mu Murenge wa Gihundwe, yayaduhaye ku itariki 14. Atubwira ko avuye Nyarushishi aho yari yahungiye agarutse aho yari atuye maze asanga abasirikare b’Umuryango w’Abibumbye bari mu butumwa bwo kugarura amahoro mu Rwanda (MINUAR) barimo barashyingura imirambo y’Abatutsi bari bishwe n’Interahamwe afatanya na bo kubashyingura hanyuma arigendera.”

Akomeza agira ati: “Ntiyari akihibuka ariko mu biganiro twagiranye yabashije kuhibuka, rero hakozwe umuganda wo gushaka iyo mibiri, kugeza ubu habonetse imibiri itandatu, tugiye kugerayo kubera ko yamaze no kumenya abo bana ndetse n’ababyeyi babiri ku buryo rero dukomeza kubafata mu mugongo ndetse no gutegura gahunda yo gushyingura mu Rwibutso bazahitamo.”





# Jenoside yasasiwe na politiki ya mbatanye mbategeke – Iradukunda

HITIMANA Servand

***Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y’Ikoranabuhanga na Inovasiyo, Yves Iradukunda yifatanyije n’Abanyabugesera mu gikorwa cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku rwibutso rwa Ntarama, agaragaza uruhare rw’abakoloni mu guhembera amacakubiri yagejeje u Rwanda kuri Jenoside yambuye ubuzima Abatutsi basaga miliyoni.***

Kwibuka abiciwe mu bice bitandukanye by’Akarere ka Bugesera byabaye ku wa Gatatu, tariki ya 15 Mata 2026 hanashyingurwa imibiri yabonetse yari itarashyingurwa mu cyubahiro.

Iradukunda Yves yavuze ko Jenoside itabaye impanuka ko ahubwo yateguwe igihe kirekire igasasirwa na politiki mbi itanya Abanyarwanda ikaza no gushyigikirwa n’ubuyobozi bubi bwikirije intero y’abakoloni.



Abayobozi batandukanye bunamiye abashyinguye mu rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Ntarama

Ati: “Jenoside yadutwaye abacu yateguwe mu gihe kirekire isasiwe na politiki y’abakoloni ya mbatanye mbategeke. Aba basanze Abanyarwanda bunze ubumwe, bafite umuco umwe, ururimi rumwe, bafite Imana imwe. Abaturage batabaririaga hamwe bafite umuyobozi w’ikirenga ari we Mwami, akaba umuyobozi wa bose kandi bamukunda bakanamugandukira. Ibi rero ntibyabashimishije.”

Akomeza agira ati: “Bateguye umugambi mubisha wo kubiba amacakubiri barabikora kandi babigeraho kuko intero yabo yikirijwe n’Abayobozi babi batitaye ku gusenyuka kwa bwa bumwe bw’Abanyarwanda.”

Iradukunda yagaragaje ko ubutegegetsi bwa Habyarimana bwateguye bunanoza umugambi wa Jenoside.

Ati: “Leta ya Habyarimana yasohoje umugambi wa Jenoside wo kurimbura Abatutsi. Nkuko twabyumvise no mu buhamya bw’abarokotse, Jenoside yagiye igerageragezwa na hano mu karere ka Bugesera mu myaka ya za 92 ibi kandi byanakorwaga no mu bindi bice by’Igihugu.

Uyu munsi abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 turabakomeza kandi dushima ko Igihugu gifite ubuyobozi bwiza, ubuyobozi butavangura, ubuyobozi bwimakaza ihame ry’ubumwe nkuko biri no mu Itegeko Nshinga ryacu”

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y’Ikoranabuhanga na Inovasiyo, Iradukunda yashimangiye ko kwibuka ari uguha agaciro abambuwe ubuzima.

Ati: “Kwibuka ni ukubasubiza agaciro bambuwe. Iki gikorwa kandi gikwiye kujyana no gukomeza kurwanya abakwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside. Hari ababikora bifashishije imbuga nkoranyambaga ariko natwe dukwiye kuzifashisha mu kwamagana imigambi yabo. Ubuyobozi bw’Igihugu burakomeza abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, tubabwira tuti mukomere kandi ntibizongera.”

Umwe mu bafite abe bashyinguwe mu rwibutso rwa Jenoside rwa Ntarama Mukandeze Angelique yavuze ko bashimira cyane Inkotanyi zabafashije kurokoka ndetse nuko Leta yakomeje kubafasha ubu bakaba bakomeye.

Ati: “Kuba Hari abakiriho ni ubwitange ntagereranwa bw’Inkotanyi. Turashimira cyane Perezida wa Repubulika wari ubarangaje imbere n’abandi mwarakoze kudusubiza ubuzima. Turashimira ko ubuyobozi bwatubaye hafi bukadufasha yaba mu mibereho n’isanamitima ubu tukaba dukomeye.”

Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Ntarama rushyinguyemo abasaga ibihumbi 50.

# Kwibuka 32: Kamonyi basabye gukomeza kwita ku mibereho y’Abarokotse Jenoside

BYUKUSENGE Annonciata

***Mu gikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abatuye mu Karere ka Kamonyi mu Murenge wa Runda bibutse Abatutsi bishwe ku italiki ya 15 Mata 1994.***

Amateka y’itariki ya 15 Mata mu Murenge wa Runda, ahera ku Batutsi benshi bari bahungiye kuri Kiliziya ya Gihara bishwe urw’agashinyaguro n’abasirikare bari baturutse i Kigali nk’uko byagarutsweho n’umuyobozi w’Akarere ka Kamonyi Dr. Sylvere Nahayo.

Ati: “Kuri itariki nk’iyi mu 1994, ni bwo Abatutsi benshi bari bahungiye muri Kiliziya bishwe bikozwe n’Interahamwe zibifashijwemo n’abasirikare bari baturutse i Kigali bakarasa Kiliziya maze bakicwa abandi bakajugunywa muri Nyabarongo.”

Yakomeje avuga ko gushyira indabo mu mugezi wa Nyabarongo ari uguha icyubahiro Abatutsi bajugunywemo bamaze kwicwa, ndetse ko hari n’abajugunywagamo bakiri bazima bakicwa n’amazi.

Mu butumwa bwatanzwe n’abahagarariye imiryango y’abarokotse Jenoside, bagarutse ku bibazo bikomeje kugaragara, by’umwihariko ibijyanye n’imibereho y’abageze mu zabukuru.

Perezida wa IBUKA mu Murenge wa Runda, Nshogoza Innocent yashimye uburyo Leta ikomeje gufasha abarokotse Jenoside, nubwo hakiri ahagikenewe gushyirwa imbaraga.

Ati: Abarokotse Jenoside bafashijwe kubona icumbi nubwo bitaragera kuri bose, ariko abahawe inzu hagati ya 1996-2000, kugeza ubu izo nzu zamaze gusaza zikeneye gusanwa kugira ngo abo babyeyi bazasazire mu nzu zikomeye.”

Ikindi cyagaragajwe ni inkunga y’ingoboka ihabwa Abarokotse Jenoside, ko itakijyanye n’igihe kubera ko izamuka ry’ibiciro ku isoko rituma ntacyo ibafasha kigaragara.

Ati: “Ubufasha bw’inkunga y’ingoboka ihabwa abarokotse batishoboye by’umwihariko abageze mu za bukuru batagifite imbaraga zo kugira indi mirimo ibatunga bakora, usanga ntacyo ibafasha kigaragara. Niba bishoboka, twasabaga ko iyi nkunga yakongerwa.”

Depite Nyabyenda Damien, wari witabiriye uyu muhango, yagarutse ku bibazo byagaragajwe n’Abarokotse Jenoside, avuga ko Leta izakomeza kubyitaho.

Ati: “Ikibazo cy’amacumbi ni ikibazo Leta ikomeje kwitaho kandi kizakomeza kwitabwaho uko ubushobozi bw’Igihugu bugenda buboneka kuko kirazwi kandi cyatangiye gushyirwa mu bikorwa.”

Ku bijyanye n’inkunga y’ingoboka itajyanye n’ibiciro ku isoko, Depite Nyabyenda yavuze ko iki kibazo kirimo gukurikiranwa kuko cyamaze kugezwa ku nzego zibishinzwe.

Ati: “Inkunga y’Ingoboka itagihagije ukurikije uko igiciro cy’ubuzima gisigaye kimeze, nk’abagize Inteko Ishinga Amategeko n’ahandi hirya no hino tugera iki kibazo barakidutumye kandi twakigejeje ku nzego zibishinzwe. Twizeye ko kizakomeza kuganirwaho kandi kizashakirwa igisubizo.”

Mu butumwa butandukanye bwahatangiwe, bwagarutse ku gushima ubutwari bw’ingabo z’Inkotanyi zahoze ari iza RPA zahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yahitanye abasaga miliyoni.



Hashyizwe indabo mu mugezi wa Nyabarongo hibukwa Abatutsi bajugunywemo

# Kwibuka32: Bashengurwa n'uko ababo biciwe imbere y'ubuyobozi n'inzego z'umutekano

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bo mu Karere ka Musanze bavuga ko bagifite intimba n'agahinda gakomeye ku mitima, batewe no kuba ababo bariciwe ahari ubuyobozi bwa Leta n'inzego z'umutekano, aho bari bizeye ubuhungiro ariko bikarangira bahiciwe .***

Ibi babigarutseho mu gikorwa cyo kwibuka Abatutsi biciwe mu cyahoze ari Court d'Appel ya Ruhengeri, aho bari bahakusanyirijwe babeshywa ko bagiye kubarindira umutekano no kubahungishiriza mu cyahoze ari Zaire (ubu ni Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo), ariko bikarangira bahiciwe mu buryo bw'agashinyaguro.

Perezida wa IBUKA mu Karere ka Musanze, Twizere Rusisiro Fesitus, yagaragaje ko abiciwe bwahabereye bufite uburemere budasanzwe kuko bwabereye ahari ibigo bikomeye bya Leta n'inzego z'umutekano.

Yagize ati: "Aha hantu hiciwe abantu hari hafi cyane y'ikigo cya gisirikare (Camp Muhoza), hari ikigo cy'abajandarume, ishuri rikuru rya jandarumuri, ibiro bya perefegitura ya Ruhengeri, ibitaro bikuru bya Ruhengeri ndetse na Diyosezi Gatolika ya Ruhengeri. Ni mu ngoro y'ubutabera, aho abantu bagombaga guhabwa ubutabera, ariko bahageze bacirwa urwo gupfa nta rubanza."

Yakomeje asobanura ko benshi mu biciwe aho bari baturutse mu gice cya Gakenke, mu cyahoze ari superefegitura ya Busengo, aho bari bizejwe umutekano ariko bakaza kugambanirwa.

Yagize ati: "Bazanywe n'uwari Superefe Nzanzana ababwira ko agiye kubarinda, nyamara yari azi neza ko bagiye kwicwa. Ibi bigaragaza uko Jenoside yateguwe n'abari abayobozi ubwabo."

Umwe mu barokotse Jenoside wiboneye ibyabereye kuri Court d'Appel ya Ruhengeri, yavuze ko agahinda agifite gaterwa no kwibuka uko ababo bishwe mu buryo bw'ubugome kandi bari bizeye ubuhungiro.

Yagize ati: "Twahageze twizeye umutekano kuko hari hafi y'inzego nyinshi ziwushinzwe. Ariko byarangiye tubonye abacu bicirwa imbere yacu, nta wabakijije. Iyo nibutse aha hantu n'ibyahabereye, umutima urandya kuko ari ahagombaga kudukiza, ariko hahindutse ahicirwa abantu."

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice, na we yagarutse kuri aya mateka anenga bikomeye abari abayobozi muri icyo gihe.

Yagize ati: "Ntibyumvikana ukuntu abaturage bicirwa imbere y'ubuyobozi n'inzego z'umutekano, ndetse bamwe muri zo bakabigiramo uruhare. Ibi ni ibintu tugomba kwamagana twivuye inyuma."

Yakomeje ahumuriza abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ati: "Ntabwo muzongera gupfa nk'uko byagenze icyo gihe. Ingabo zahoze ari iza RPA Inkotanyi zarabatabaye, kandi n'uyu munsi zifite ubushobozi n'umugambi wo gukumira Jenoside aho yaturuka hose, haba mu Rwanda no ku Isi."

Yibukije Abanyarwanda bose gukomeza kurangwa n'ubumwe no kwamagana uwo ari we wese wazana amacakubiri, ashimangira ko ingengabitekerezo ya Jenoside igomba kurwanywa n'imbaraga zose.

Inzego z'Ubuyobozi zasabye buri wese gukomeza guharanira ko amateka mabi u Rwanda rwanyuzemo atazongera kubaho ukundi.

Urwibutso rwa Musanze kugeza ubu ruruhukiyemo imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 biciwe kuri Court d'appel basaga 800.




**Mu kwibuka abiciwe ku cyahoze ari Court dAppel ya Ruhengeri hanenzwe ubuyobozi bubi bwateguye Jenoside**

---

**HABIMANA Eric**

# Muhanga: IBUKA irasaba abafite amakuru y'ahakiri imibiri itarashyingurwa kuyatanga

***Umuryango IBUKA mu Karere ka Muhanga urasaba abaturage bose baba bafite amakuru y'ahajugunywe imibiri y'abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kuyatanga kugira ngo ishyingurwe mu cyubahiro kuko nyuma y´imyaka 32 hakiri abatari babona ababo kandi ababishe bazi aho imibiri yabo iri.***

Ibi byagarutsweho n'uhagarariye IBUKA mu Karere ka Muhanga, Dushimimana Fidele ubwo yari mu gikorwa cyo kwibuka cyabereye ku rwibutso rwa Kiyumba, ruherereye mu Murenge wa Kiyumba, ahahoze ari Komini Nyabikenke.

Yagaragaje ko nubwo hashize imyaka 32 Jenoside ibaye, hari imibiri y'abazize Jenoside itaraboneka ngo ishyingurwe mu cyubahiro, bikomeje kugurira ihungabana abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'imiryango yabo.

Dushimimana yavuze ko abarokotse bageze ku rwego rushimishije mu kwiyubaka, haba mu mibereho no mu gukira ibikomere byo ku mutima, babifashijwemo na Leta y'u Rwanda. Icyakora, yagaragaje ko hakiri urugendo rukomeye mu gushakisha amakuru y'aho imibiri y'abishwe yajugunywe, kuko bamwe mu bazi ayo makuru bakomeje kuyahisha.




**Dushimimana Fidele, Perezida wa IBUKA mu Karere ka Muhanga**

Yagize ati: *"Iyo turi hano tuba twaje kubibuka no kubasubiza icyubahiro bambuwe, ariko tukababazwa no kuba hari abo duhurira aha bataragira umutima wo gutobora ngo bavuge aho imibiri iri, icyo ni kimwe mu bikomeje kuturemerera, ariko turizera ko igihe kizagera bose bagatinyuka kuvuga, imibiri y´abacu ikaboneka igashyingurwa mu cyubahiro."*

Guverinneri w'Intara y'Amajyepfo, Kayitesi Alice yavuze ko kudatanga amakuru ku byaha bya Jenoside bigira ingaruka ku bumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda.

Yagize ati: *"Ntitugomba guheranwa n'amateka mabi, ahubwo dukwiye kubakira ku byiza Igihugu cyacu cyagezeho, ariko ibi ntibishoboka igihe hari abakinangiye umutima batifuza kuvuga ukuri."*

Yakomeje ashimangira ko ubuyobozi buzakomeza gukorana n'inzego zitandukanye mu bukangurambaga bwo kwigisha no gusaba abafite amakuru kuyatanga, kugira ngo ukuri kujye ahagaragara, bityo n'imibiri itaraboneka ishakishwe ishyingurwe mu cyubahiro.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Muhanga butangaza ko kuva ku itariki ya 7 Mata 2026 hatangira icyumweru cy'icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hamaze kugaragara ibirego bibiri bifitanye isano n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB), rwo rwagaragaje ko Intara y'Amajyepfo ari yo iza ku isonga mu kugaragaramo ibyaha bifitanye isano n'ingengabitekerezo ya Jenoside ku kigero cya 29%, igakurikirwa n'Intara y'Iburasirazuba ifite 27%.

Abayobozi n'imiryango ifasha abarokotse Jenoside bakomeza gushimangira ko gutanga amakuru ku mibiri itaraboneka ari inshingano ya buri Munyarwanda, kuko bifasha gusubiza icyubahiro abishwe no gufasha abarokotse gukira ibikomere.






## ITANGAZO RY'ISOKO

**INVITATION TO BID (TWO-STAGE TENDERING PROCESS)**

**TENDER TITLE: DESIGN AND CONSTRUCTION OF A RAINWATER TANK AT KARONGI PENSION PLAZA**

**Tender N°:** 000028/NC/NCB/2025/2026/RSSB/OFF

**(a)** The Rwanda Social Security Board (RSSB) (hereinafter referred to as the "Client") intends to apply a portion of its funds to eligible payments under the contract for which this bidding document is issued.
**(b)** RSSB hereby invites eligible and qualified bidders to participate in a **two-stage tendering process** for the **Design and Construction of a Rainwater Tank at Karongi Pension Plaza**, as detailed in the Statement of Requirements.
**(c)** This procurement shall be conducted through a **Two-Stage Tendering Process** as follows:

- **Stage One (Technical Proposal Submission):** Bidders shall submit **technical proposals only**, demonstrating their methodology, experience, and compliance with the technical requirements.
- **Stage Two (Financial Proposal Submission):** Only bidders who meet the **minimum technical evaluation threshold** shall be **invited to submit their financial proposals** in the second stage.

**(d)** The Tender Document shall be requested and obtained exclusively via email from the Procurement Office through procurement@rssb.rw. Interested bidders may request the Tender Document on working days starting from **22 April 2026**, between **9:00 a.m. and 5:00 p.m.** For participation, bidders shall pay a **non-refundable fee of Frw 10,000** to the following account:

- **Account Name:** RSSB Common
- **Account Number:** 20029866001
- **Bank Name:** I&M Bank

**(e)** Interested bidders may obtain further information and clarifications from the RSSB Head Office during working hours (09:00 a.m. to 05:00 p.m.):
**Address:**
Rwanda Social Security Board (RSSB)
Supply Chain Department
RSSB Building, Tower I, 7th Floor
P.O. Box 250 or 6655 Kigali
Kigali City, Rwanda
**Email:** procurement@rssb.rw

**(f)** Well-prepared **technical proposals only**, written in English and clearly marked with the Tender Title and Tender Reference Number, shall be submitted in sealed envelopes to the RSSB Procurement Office **15 May 2026 at 10:00 a.m. (local time)**.
**(g)** Technical proposals will be opened in the presence of bidders' representatives who choose to attend on **15 May 2026 at 10:30 a.m. (local time)** in the Board Room of RSSB Headquarters, Tower II, 9th Floor.
**(h)** RSSB reserves the right to cancel this tender at any stage of the procurement process, in accordance with applicable procurement rules.
**(i)** All bids shall be accompanied by a Bid Security issued by a reputable bank or Insurance Company in accordance with the bid security form. The bid Security shall be equivalent to **Frw 1,500,000.**
**(j)** A **mandatory site visit** shall be conducted on **5 May 2026 at 12:30 p.m.** at Karongi Pension Plaza.
**(k)** This procurement shall be conducted in accordance with the **RSSB Procurement Rules.**
**(l)** The successful bidder shall be selected under the **Quality Cost Based Selection (QCBS)** method.

**Note that:** After notification of the evaluation result, bidders may lodge their appeal offline if any, to RSSB as the procuring entity at the first level and to RSSB Independent Review Panel at the second level. For appeals lodged at the second level, where the tender value exceeds Twenty Million Rwandan Francs (**Frw 20,000,000**), an appeal fee of One Hundred Thousand Rwandan Francs (**Frw 100,000**) shall be payable. This fee is non-refundable.

**The RSSB Account for Payment of Bidding Documents:** The above-mentioned amount shall be deposited into the RSSB bank account detailed below:

**Account name**: RSSB common
**Account N0**: 20029866001
**Bank name**: I&M Bank

**By Authority Delegation,**
Signed by: 17/4/2026
274E32679446460...
**Jonathan MWONGEREZA**
**Head of the Administration Department**
DS

## ITANGAZO RY'ISOKO

**INVITATION FOR EXPRESSION OF INTEREST (EOI), (TWO-STAGE NATIONAL COMPETITIVE BIDDING – NCB)**

**TITLE OF THE TENDER: EXPRESSION OF INTEREST FOR HIRING A DESIGN AND BUILD CONTRACTOR FOR THE PROPOSED RSSB FIT-OUT AND REVAMPING WORKS;**

**Tender Ref Nº:** 000027/NC/NCB/2025/2026/RSSB/OFF
**Client:** Rwanda Social Security Board (RSSB)

**Dear Interested Bidders,**

1. The Rwanda Social Security Board (RSSB) (hereinafter referred to as the "Client") invites eligible and qualified Design and Build contractors to submit their **Expression of Interest (EOI)** for hiring a design and build contractor for the proposed RSSB fit-out and revamping works. The project includes:
   (a) Installation of a modern boardroom (Tower 1- 10th floor, 50+ persons).
   (b) Renovation of the staff canteen and the Kitchen (Tower I).
   (c) Soundproofing of the offices on the First floor and Ground floor, Tower I
   (d) Sanitation improvement works for Tower I and Tower II (176)
   (e) Establishment of a dedicated Mother's room
   (f) Revamping of the Entrance and Reception Area (-2) level
2. The objective of this tender is to engage a competent contractor capable of delivering a complete **Design and** Build **solution** for the proposed RSSB fit-out and revamping works
3. This procurement will be conducted under a **two-stage National Competitive Bidding (NCB)** process as follows:
   - **Stage 1: Expression of Interest (EOI) and Technical Evaluation** Interested bidders shall submit their Expression of Interest, including technical proposals demonstrating their experience, methodology, and capability.
     - Bidders shall be given **fourteen (14) calendar days** from the date of publication to submit their EOI.
     - Only bidders who attain a **minimum score of 80% in the technical evaluation** shall be shortlisted.
   - **Stage 2: Request for Proposals (RFP)**
     - Shortlisted bidders will be issued the **Request for Proposals (RFP)** to proceed with the next stage of the bidding process.
     - These bidders shall be invited to a **bid clarification meeting** before submission of their final proposals.
4. This tender comprises one (1) indivisible lot covering all the works described above.
5. This invitation is open to all qualified and experienced firms with proven expertise in Design and Build projects of a similar nature and complexity, in accordance with the Terms of Reference.
6. The Tender Document shall be requested and obtained exclusively via email from the Procurement Office through Procurement@rssb.rw. Interested bidders may request the Tender Document on working days starting from **22 April 2026, between 9:00 a.m.** and **5:00 p.m.,** by sending an email and attaching proof of payment of a non-refundable fee of **RWF 10,000 (ten thousand Rwandan Francs)** deposited to the following account:

   **Account Name**: RSSB Common
   **Account Number**: 20029866001
   **Bank Name**: I&M Bank

   Upon receipt and verification of the payment proof, the Procurement Office shall email the Tender Document
7. The successful bidder shall be selected using the **Quality and Cost-Based Selection (QCBS)** method during the RFP stage.
8. All bids shall be accompanied by a Bid Security issued by a reputable bank or Insurance Company in accordance with the bid security form. The bid Security shall be equivalent to Seven Million Five Hundred Thousand Rwandan Francs (**Frw 7,500,000**)
9. EOIs shall be submitted in **English**, clearly marked with the tender title and reference number. Submissions must be delivered in sealed envelopes to the RSSB Supply Chain Management department Office **not later than 12 May 2026 at 10:00 AM (local time)**.
10. Bids will be opened in the presence of bidders' representatives who choose to attend on **than 12 May 2026 at 10:15 a.m.** in the Board Room of RSSB HQ, Tower II, 9th Floor. Bids shall remain valid for 120 days after the Deadline for Bid Submission prescribed above.
11. This procurement shall be conducted in accordance with the **RSSB Procurement Rules**.
12. Bid will remain valid for 120 days validity period from the date of submission of EOIs.
13. More detailed Terms of Reference, technical requirements, and evaluation criteria shall be provided to shortlisted bidders at the RFP stage.
14. Bidders shall bear **all costs** associated with the preparation and submission of their bids. RSSB shall not be responsible for such costs.

**Note that**, after notification of the evaluation result, the bidder may appeal, if any, offline with RSSB, the procuring entity, at the first level, and with the RSSB Procurement Review Committee at the second level.

**The appeal fee** applicable at the second level for tenders exceeding Twenty Million Rwandan Francs (Frw 20,000,000) is a non-refundable amount of One Hundred Thousand Rwandan Francs (Frw 100,000).

The above-mentioned amount will be deposited into the RSSB account highlighted below:

**Account name**: RSSB common
**Account N0**: 20029866001
**Bank name**: I&M Bank

**By Authority Delegation,**
Signed by: 17/4/2026
274E32679446460...
**Jonathan MWONGEREZA**
**Head of the Administration Department.**
DS

# Ben na Papi Clever bashimiye abagore babo babateje imbere mu buhanzi



umuhanzi Papi Clever ahamya ko kuririmbana n'umufasha we bituma ubuhanzi bugenda neza

MUTETERAZINA Shifah

***Umuramyi Ben Serugo uzwi nka Ben mu itsinda aririmbanamo n'umugore we rizwi nka Ben na Chance ndetse na Papi Clever uririmbana n'umugore Dorcas bashimye ko nyuma kwihuza nk'abashakanye bagakora umuziki bagutse mu buhanzi ndetse no mu iterambere ry'ubutunzi.***

Bahamije ko kugeza ubu batoshobora kuririmba ukwabo batari kumwe n'abo bashakanye kuko bamaze kubona ko bari kumwe ari byo bituma ubuhanzi bwabo bushoboka n'ibyo bateguye bikagenda neza.

Amatsinda y'abaramyi agizwe n'abubakanye ingo amaze kuba menshi arimo iya Ben na Chance baheruka gutaramira muri Bk Arena, irya Papi Clever na Dorcas, James na Daniella ndetse n'abandi badakora nk'itsinda ariko babanye ari abaramyi bombi.

Ubwo babazwaga uko bafata kuba baririmbana n'abagore babo Papi Clever na Ben bagaragaje ko hari byinshi bakora ku rubyiniro bitewe n'uko abagore babo babatera imbaraga cyane kandi biryoha cyane.

Ben yagize ati: "Umugabo umwe yaratwitegereje twakoze igitaramo arambaza ati bishoboka bite ko wowe n'umugore wawe mwicara mukajya inama mugakorana umushinga mukamara iminota itanu muganira uko biza-genda mutari mwashwana? Ariko njyewe kuri twe mbona umugore wanjye ari we uhetse iri tsinda."

Akomeza agira ati: "Ni umugisha kuri twe kuko bidukuza mu buryo bw'umwuka, iyo turikumwe turi babiri dukora ikintu nkabona kiratunganye, batumiye umuntu umwe sinzi ko yabikora neza. Mbere y'uko tubana hari indirimbo nakoraga zikampfana ariko tubanye byarakunze ikindi sinajya ku rubyiniro njyenyine ngo bikunde, kubera imyaka ishize turirimbana hari n'ukuntu andeba turi ku rubyiniro nkamenya icyo avuze nanjye namureba akabimenya."



Ben avuga ko kuririmbana n'umugore we bituma yisanzura ku rubyiniro

Papi Clever we yagaragaje ko gukorana n'umugore we byamubereye umugisha kuko mbere y'uko babana ntacyo yabonaga ageraho nubwo yari asanzwe aririmba ku gite cye kandi nta ko atagira.

Ati: "Nari nsazwe ndi umuhanzi nkora njyenyine ariko imikorere yanjye yagiye ku rwego rwo hejuru tumaze kubana na Dorcasy. Ikindi buriya kuba duhozaho biterwa na Dorcas kandi gukorana byatwongereye igikundiro kuko yasanze mfite abankurikira kuri Youtube ibihumbi 15 ariko ubu dufite abasaga Miliyoni kandi no mu buryo bw'amikoro twarungutse."

Ben na Chance bazwi cyane mu ndirimbo zabo zitandukanye zirimo Zahabu, Yesu arakora n'izindi mu gihe Papi Clever na Dorcas bamenyerewe mu gusubiramo indirimbo zo mu gitabo gikoresha n'abarokore



Nkomezi Prosper yatangaje amwe mu mtariki azakoreraho ibitaramo muri USA

# Prosper Nkomezi yateguje uruhererekane rw'ibitaramo ateganya gukorera muri USA

MUTETERAZINA Shifah

***Nyuma yo gukora ubukwe, umuramyi Prosper Nkomezi yateguje uruhererekane rw'ibitaramo yise 'Prosper Nkomezi Live Tour in USA' ateganya gukorera muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA).***

Yifashishije imbuga nkoranyambaga ze mu ijoro ry'itariki 17 Mata 2026, Nkomezi yasangije abakunzi be integuza y'ibyo bitaramo abasaba ko bitegura gutarama bagasabana n'Imana binyuze mu ndirimbo.

Ni ibitaramo yatangaje ko azatangirira muri Leta ya Iowa ku wa 31 Gicurasi 2026, akomereze i Dallas muri Texas ku wa 11 Nyakanga 2026. Bikazakomereza muri Arizona, Maine akaba azatangaza vuba amatariki azataramiraho mu Mujyi wa Seattle uherereye muri Leta ya Washingtion.

Ni uruhererekane rw'ibitaramo ruje rukurikira ibindi aherutse gukorera mu bihugu birimo Israel na Uganda, yakoze agamije kwagura ibikorwa by'umuziki we ku rwego mpuzamahanga. Ni byo bitaramo bya mbere Nkomezi agiye gutaramira muri Leta zunze Ubumwe za Amerika nk'umugabo wubatse urugo kuko yakoze ubukwe n'umugore we Retina Mfurakazi mu mpera za Werurwe 2026.

Prosper Nkomezi yamenyekanye cyane binyuze mu ndirimbo ze zakunzwe n'abatari bake zirimo "Amamara", "Nzakingura", "Humura" n'izindi, zatumye agera ku mitima y'abakunzi b'indirimbo ziramya zikanahimbaza Imana, kuko akenshi ziba zishingiye ku butumwa bwo kwizera, ihumure n'urukundo rw'Imana, bituma zikoreshwa cyane mu nsengero no mu bindi bihe byo gusenga.

Muri Gashyantare ni bwo Nkomezi yagaragaje ibyishimo yagize by'uko yasuye ibice bimwe na bimwe bigaragaza ukwizera kwa gikrisitu birimo umusozi wa Goligota bivugwa muri Bibiliya ko Yesu yawubabarijweho n'ahandi.





# APR FC yatsinzwe na Etincelles, inanirwa gukomeza gusatira Al Hilal SC



Etincelles FC yatsinze APR FC ibitego 2-1

SHEMA Ivan

***APR FC yatsinzwe na Etincelles ibitego 2-1 mu mukino w'umunsi wa 27 wa Shampiyona y'u Rwanda wabereye kuri Stade Umuganda kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 18 Mata 2026.***

Ni umukino wabanjirijwe no gufata umunota wo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ndetse abakinnyi ba APR FC bari bambaye udutambaro two mu ibara ry'ivu ku kuboko kw'ibumoso, aba Etincelles bambara utw'umukara.

Ni umukino wihutaga ku mpande zombi, buri kipe igerageza kurema uburyo bwo gutsinda igitego ariko abakinnyi basatira bakogorwa no kubyaza umusaruro amahirwe babonaga imbere y'izamu.

Mu minota 20, APR FC yihariye umupira hagati mu kibuga harimo koruneri yatewe na Bugingo Hakim ntiyagira icyo itanga.

Ku munota wa 29, Etincelles FC yafunguye amazamu ku gitego cyinjijwe na Iraguha Awadi ku mupira Ishimwe Djabilu yamuhaye awushyira mu izamu.

Nyuma y'iminota itatu gusa, iyi kipe yatsinze igitego cya kabiri cyinjijwe na Dusabimana Anselme ku mupira yacomekewe na Robert Mukogotya awushyira mu rushundura.

Igice cya mbere cyarangiye Etincelles itsinze APR FC ibitego 2-0.

Mu igice cya kabiri, APR FC yagurukanye imbaraga nyinshi ishaka kwishyura harimo umupira Memel Dao yateye ari mu rubuga rw'amahina, umupira ufatwa neza n'umunyezamu wa Etincelles, Nishimwe Moise.

Ku munota wa 62, Umutoza wa APR FC, Abderrahim Taleb, yakoze impinduka Hakim Kiwanuka ishyiramo Mamadou Sy naho Memel Dao asimburwa na Mugisha Gilbert.

Izi mpinduka zafashije iyi kipe gukomeza gusatira harimo umupira Byiringiro Gilbert yatanze mu rubuga rw'amahina, ariko William Togui ntiyawugeraho ngo awushyire mu izamu n'umutwe.

Mbere y'uko umukino urangira, Djibril Ouattara yishyuriye APR FC igitego kimwe muri bibiri ku mupira Mamadou Sy yamuhaye awushyira mu izamu.

Umukino warangiye APR FC yatsinzwe na Etincelles ibitego 2-1, inanirwa gukomeza gusatira Al Hilal SC iyiri imbere.

Ikipe y'Ingabo yagumye ku mwanya wa kabiri n'amanota 52, irushwa atatu na Al-Hilal SC ya mbere, yo ihura na Kiyovu Sports kuri uyu mugoroba.

Ni mu gihe Etincelles yabonye amanota atatu y'ingenzi yatumye igira 25 ku mwanya wa 16, irusha amanota ane Rutsiro FC na AS Muhanga ziri inyuma.

Indi mikino yabaye, Mukura VS yatsinze Al-Merrikh igitego 1-0 cya Hakizimana Zuberi naho Gicumbi FC itsinda AS Muhanga ibitego 2-0 byinjijwe na Bitwayiki Bahati Clement na Niwenshuti Steven.



Byari ibyishimo ku bakinnyi n'Umutoza wa Etincelles FC, Bizimana Abdu 'Bekeni nyuma y'umukino

# Emeline Imanizabayo yegukanye umudali wa Zahabu muri Seven Hills Record Run

SHEMA Ivan

***Umunyarwandakazi Emeline Imanizabayo yanditse amateka yo kwegukana umudari wa zahabu mu Isiganwa Mpuzamahanga ryo kwiruka rya 'Seven Hills Record Run' ryabereye i Nijmegen mu Buholandi, ku wa Gatandatu tariki 18 Mata 2026.***

Iri siganwa ryitabiriwe n'abakinnyi barenga 170 bari mu byiciro bitandatu bitandukanye by'abato batarengeje imyaka 20 n'abakuru mu bagabo no mu bagore.

Imanizabayo yabaye uwa mbere mu cyiciro cy'abagore mu gusiganwa ku ntera ya metero 5,000, akoresheje iminota 15 n'amasegonda arindwi.

Yakurikiwe n'Umunya-Finland, Ilona Mononen, yasize amasegonda atatu, naho Maurine Jepkoech Chebor wo muri Kenya aba uwa gatatu arushwa amasegonda umunani n'uwa mbere.

Uretse gusiganwa muri metero 5,000, Imanizabayo asanzwe asiganwa no muri metero 15,000, metero 10,000, metero 3,000 na metero 1,500.




Emeline Imanizabayo yegukanye umudali wa zahabu

Imvaho Nshya
Siporo




Nº. E-57 TARIKI 14 - 20 MATA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Rayon Sports yanganyije na Rutsiro FC, inanirwa gusatira APR FC



**Amakipe yombi yashakishaga intsinzi, ariko umukino urangira yombi nta yinjije igitego**

**SHEMA Ivan**

***Rayon Sports yanganyije na Rutsiro FC ubusa ku busa mu mukino w'umunsi wa 27 wa Shampiyona y'u Rwanda wabereye kuri Sitade Umuganda kuri iki Cyumweru, tariki ya 19 Mata 2026.***

Mbere yo gutangira umukino, buri wese wari muri Stade Umuganda yahagurutse aha icyubahiro inzirakarengane zishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Buri mukinnyi yari yambaye agatambaro ku kuboko kw'ibumoso mu gukomeza guha icyubahiro izo nzirakarengane.



**Ni umukino wakinanywe ingufu**

Rayon Sports ni yo yatangiye neza umukino ihererekanya umupira mu kibuga cya Rutsiro FC, bashaka kumena urukuta rw'ubwugarizi bwayo ngo babone igitego hakiri kare. Mu minota 15 umukino wongereye imbaraga, amakipe yombi atangira gusatira cyane bashaka igitego ariko abakinnyi basatira bagorwa no kubyaza umusaruro amahirwe babonaga imbere y'izamu.

Mu minota 30, Rayon Sports yihariye umupira hagati mu kibuga harimo umupira Tambwe Gloire yateye n'umutwe, umupira ukurwamo neza n'umunyezamu wa Rutsiro FC, Mutuabo Manala. Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.



**Rayon Sports yatsikiye inganya na Rutsiro FC, ubusa ku busa**

Mu igice cya kabiri, Rayon Sports yatangiranye impinduka Tony Kitoga asimburwa na Aziz Bassane. Izi mpinduka zafashije iyi kipe gukomeza gusatira ariko abakinnyi bakina bakagorwa no kubyaza umusaruro uburyo babonaga imbere y'izamu.

Ku munota wa 65, Rutsiro FC yashoboraga gufungura amazamu ku ishoti ryatewe na Niyitegeka, umunyezamu Drissa Kouyate agiye kuwukuramo uramujabuka ukubita igiti cy'izamu ariko ahita awufata. Iminota 10 ya nyuma yaranzwe no gusatira cyane kwa Rayon Sports ishaka igitego cy'intsinzi ariko biranga.

Umukino warangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa, Rayon Sports ikomeza kubura intsinzi yavunikiye kuko mu mikino irindwi iheruka gukina muri Shampiyona, yatsinzemo umwe wa Gasogi United kuri mpaga.

Gikundiro yagumye ku mwanya wa kane n'amanota 44, irushwa amanota 14 na Al-Hilal ya mbere, ikarushwa amanota umunani na APR FC ya kabiri mu gihe hagati yayo na Al-Merrikh ya gatatu harimo amanota atanu. Ni mu gihe Rutsiro FC yabuze amanota y'ingenzi yari kuyifasha mu kazi gakomeye ifite ko kuva mu murongo utukura, dore ko iri ku mwanya wa 17 n'amanota 22.

Undi mukino wabaye kuri iki Cyumweru, Bugesera FC yafashe umwanya wa karindwi n'amanota 40, nyuma yo gutsinda Police FC igitego 1-0 cyashyizwe mu rushundura na Clement John.